# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

***Amategeko / Laws / Lois***

**N<sup>O</sup> 36/2018 ryo ku wa 29/06/2018**
Itegeko rigena imitunganyirize y'uburezi …………………………………………………..2
**N<sup>O</sup> 36/2018 of 29/06/2018**
Law determining the organization of education……………………………………………..2
**N<sup>O</sup> 36/2018 du 29/06/2018**
Loi portant organisation de l'éducation……………………………………………………..2

**Nº 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko ryerekeye kurwanya iterabwoba……………………………………………………...31
**Nº 46/2018 of 13/08/2018**
Law on counter terrorism…………………………………………………………………….31
**Nº 46/2018 du 13/08/2018**
Loi relative à la lutte contre le terrorisme…………………………………………………..31

**N° 47/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko rihindura Itegeko n° 03/2010 ryo ku wa 26/02/2010 ryerekeye uburyo bw'imyishyuranire nk'uko ryahinduwe kugeza ubu…………………………………………68
**N° 47/2018 of 13/08/2018**
Law modifying Law n° 03/2010 of 26/02/2010 concerning payment system as modified to date…………………………………………………………………………………………...68
**N° 47/2018 du 13/08/2018**
Loi portant modifiant la loi n° 03/2010 du 26/02/2010 relative au système de paiement telle que modifiée à ce jour……………………………………………………………………..68

**N° 50/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko rihindura Itegeko n° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge……………………………………………………………………..79
**N° 50/2018 of 13/08/2018**
Law amending Law n° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property…..79
**N° 50/2018 du 13/08/2018**
Loi modifiant la loi n° 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle. ……………………………………………………………………………...79

**Nº 51/2018 ryo ku wa 13/08/2018**
Itegeko ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana icuruzwa ry'abantu no gushakira inyungu mu bandi…………………………………………………………………………………...90
**Nº 51/2018 of 13/08/2018**
Law relating to the prevention, suppression and punishment of trafficking in persons and exploitation of others…………………………………………………………………90
**Nº 51/2018 du 13/08/2018**
Loi portant prévention, élimination et répression de la traite des personnes et de l'exploitation d'autrui………………………………………………………………………………….90

**ITEGEKO N° 36/2018 RYO KU WA 29/06/2018 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBUREZI**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Intego y'uburezi**

**Ingingo ya 4: Intego zihariye z'uburezi**

**Ingingo ya 5: Inshingano za Leta mu burezi**

**UMUTWE WA II: UBWOKO BW'UBUREZI**

**Ingingo ya 6: Ubwoko bw'uburezi**

**Icyiciro cya mbere: Uburezi bwo mu muryango**

**Ingingo ya 7: Uburezi bwo mu muryango**

**LAW N° 36/2018 OF 29/06/2018 DETERMINING THE ORGANIZATION OF EDUCATION**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Mission of education**

**Article 4: Objectives of education**

**Article 5: Responsibilities of government in education**

**CHAPTER II: TYPES OF EDUCATION**

**Article 6: Types of education**

**Section One: Education within the family**

**Article 7: Education within the family**

**LOI N° 36/2018 DU 29/06/2018 PORTANT ORGANISATION DE L'ÉDUCATION**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Mission de l'éducation**

**Article 4: Objectifs de l'éducation**

**Article 5: Rôle de l'Etat dans l'éducation**

**CHAPITRE II: TYPES D'ÉDUCATION**

**Article 6: Types d'éducation**

**Section première: Education en famille**

**Article 7: Education en famille**

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya 2: Uburezi bwo mu mashuri** | **Section 2: Formal education** | **Section 2: Education formelle** |
| **Akiciro ka mbere: Ibyiciro by'uburezi bwo mu mashuri** | **Subsection One: Levels of formal education** | **Sous-section première: Niveaux de l'éducation formelle** |
| **Ingingo ya 8: Ibyiciro bigize uburezi bwo mu mashuri** | **Article 8: Levels of formal education** | **Article 8: Niveaux de l'éducation formelle** |
| **Ingingo ya 9: Amashuri y'incuke** | **Article 9: Nursery education** | **Article 9: Education préscolaire** |
| **Ingingo ya 1 : Amashuri abanza** | **Article 10: Primary education** | **Article 10: Enseignement primaire** |
| **Ingingo ya 11: Amashuri yisumbuye** | **Article 11: Secondary education** | **Article 11: Enseignement secondaire** |
| **Ingingo ya 12: Amashuri makuru** | **Article 12: Higher education** | **Article 12: Enseignement supérieur** |
| **Ingingo ya 13: Amashuri y'uburezi bwihariye** | **Article 13: Specialized education schools** | **Article 13: Ecoles d'enseignement spécialisé** |
| **Ingingo ya 14: Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro** | **Article 14: Technical and vocational schools** | **Article 14: Écoles techniques et professionnelles** |
| **Ingingo ya 15: Ururimi rwigishwamo mu burezi bwo mu mashuri** | **Article 15: Language of instruction in formal education** | **Article 15: Langue d'enseignement dans l'éducation formelle** |
| **Akiciro ka 2: Ubwoko bw'amashuri** | **Subsection 2: Types of schools** | **Sous-section 2: Types d'écoles** |
| **Ingingo ya 16: Ubwoko bw'amashuri hakurikijwe uburyo yashinzwe** | **Article 16: Types of schools according to their establishment** | **Article 16: Types d'écoles selon leur mode de création** |
| **Ingingo ya 17: Amashuri ya Leta** | **Article 17: Public schools** | **Article 17: Ecoles publiques** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano** | **Article 18: Government-subsidized schools** | **Article 18: Écoles conventionnées** |
| **Ingingo ya 19: Amashuri yigenga** | **Article 19: Private schools** | **Article 19: Écoles privées** |
| **Ingingo ya 20: Ibisabwa usaba gushinga ishuri ryigenga** | **Article 20: Requirements to establish a private school** | **Article 20: Conditions d'ouverture d'une école privée** |
| **Akiciro ka 3: Umutungo w'ishuri** | **Subsection 3: School property** | **Sous-section 3: Patrimoine de l'école** |
| **Ingingo ya 21: Umutungo w'ishuri** | **Article 21: School property** | **Article 21: Patrimoine de l'école** |
| **Akiciro ka 4: Imicungire y'amashuri** | **Subsection 4: Management of schools** | **Sous-section 4: Gestion des écoles** |
| **Ingingo ya 22: Imicungire y'amashuri** | **Article 22 : Management of schools** | **Article 22: Gestion des écoles** |
| **Akiciro ka 5: Abakozi bo mu mashuri** | **Subsection 5: Staff of schools** | **Sous-section 5: Personnel des écoles** |
| **ingingo ya 23: Abakozi bo mu mashuri ya Leta n'ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano** | **Article 23: Staff of public and Government-subsidized schools** | **Article 23: Personnel des écoles publiques et conventionnées** |
| **Ingingo ya 24: Abakozi bo mu mashuri yigenga** | **Article 24: Staff of private schools** | **Article 24: Personnel des écoles privées** |
| **Icyiciro cya 3: Uburezi bw'abantu bakuru** | **Section 3: Adult education** | **Section 3: Éducation des adultes** |
| **Ingingo ya 25: Uburezi bw'abantu bakuru** | **Article 25: Adult education** | **Article 25: Éducation des adultes** |
| **Icyiciro cya 4: Uburezi nkangurambaga** | **Section 4: Informal education** | **Section 4: Education informelle** |
| **Ingingo ya 26: Uburezi nkangurambaga** | **Article 26: Informal education** | **Article 26: Education informelle** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>MUTWE WA III</u>: IMIKORANIRE MU BUREZI** | **<u>CHAPTER III</u>: PARTNERSHIP IN EDUCATION** | **<u>CHAPITRE III</u>: PARTENARIAT ÉDUCATION** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Imikoranire y'abashinzwe uburezi** | **<u>Article 27</u>: Partnership between stakeholders in education** | **<u>Article 27</u>: Partenariat entre les acteurs de l'éducation** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Imikoranire mu burezi bwo mu muryango** | **<u>Section One</u>: Partnership in family education** | **<u>Section première</u>: Partenariat dans l'éducation en famille** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Uruhare rwa Leta mu burezi bwo mu muryango** | **<u>Article 28</u>: Government's role in family education** | **<u>Article 28</u>: Rôle de l'État dans l'éducation familiale** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Uruhare rw'ababyeyi mu burezi bwo mu muryango** | **<u>Article 29</u>: Parents' role in family education** | **<u>Article 29</u>: Rôle des parents dans l'éducation en famille** |
| **<u>Icyiciro cya 2</u> : Imikoranire mu burezi bwo mu mashuri** | **<u>Section 2</u>: Partnership in formal education** | **<u>Section 2</u>: Partenariat dans l'éducation formelle** |
| **<u>Ingingo ya 30</u> : Uruhare rwa Leta mu burezi bwo mu mashuri** | **<u>Article 30</u>: Government's role in formal education** | **<u>Article 30</u>: Rôle du gouvernement dans l'éducation formelle** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Uruhare rw'ababyeyi mu burezi bwo mu mashuri** | **<u>Article 31</u>: Parents' role in formal education** | **<u>Article 31</u>: Rôle des parents dans l'éducation formelle** |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Uruhare rw'imiryango, amashyirahamwe n'abikorera mu burezi bwo mu mashuri** | **<u>Article 32:</u> Role of organizations, associations and private stakeholders in formal education** | **<u>Article 32</u>: Rôle des organisations, des associations et des acteurs privés dans l'éducation formelle** |
| **<u>Icyiciro cya 3</u>: Imikoranire mu burezi bw'abantu bakuru** | **<u>Section 3</u>: Partnership in adult education** | **<u>Section 3</u>: Partenariat en éducation des adultes** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 33: Uruhare rwa Leta mu burezi bw'abantu bakuru** | **Article 33: Government's role in adult education** | **Article 33: Rôle du gouvernement dans l'éducation des adultes** |
| **Ingingo ya 34: Uruhare rw'Imiryango, amashyirahamwe cyangwa abikorera mu burezi bw'abantu bakuru** | **Article 34: Role of organisations, associations or private stakeholders in adult education** | **Article 34: Rôle des organisations, associations ou acteurs privés dans l'éducation des adultes** |
| **Icyiciro cya 4: Imikoranire mu burezi nkangurambaga** | **Section 4: Partnership in informal education** | **Section 4: Partenariat en éducation informelle** |
| **Ingingo ya 35: Uruhare rwa Leta mu burezi nkangurambaga** | **Article 35: Government's role in informal education** | **Article 35: Rôle du gouvernement dans l'éducation informelle** |
| **Ingingo ya 36: Uruhare rw'imiryango, amashyirahamwe cyangwa abikorera mu uburezi nkangurambaga** | **Article 36: Role of organisations, associations or private stakeholders in informal education** | **Article 36: Rôle des organisations, associations ou acteurs privés dans l'éducation informelle** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri itegeko** | **Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 37: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 38: Repealing provision** | **Article 38: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 39: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 39: Commencement** | **Article 39: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº36/2018 RYO KU WA 29/06/2018 RIGENA IMITUNGANYIRIZE Y'UBUREZI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 23 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

**YEMEJE:**

**LAW Nº36/2018 OF 29/06/2018 DETERMINING THE ORGANIZATION OF EDUCATION**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 23rd May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 20, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

**ADOPTS:**

**LOI Nº36/2018 DU 29/06/2018 PORTANT ORGANISATION DE L'ÉDUCATION**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 23 Mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 20, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

**ADOPTE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena imitunganyirize y'uburezi.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

**1° inyigisho:** amasomo atangwa n'ishuri agenewe abanyeshuri bemerewe kwiga mu buryo buhoraho cyangwa budahoraho;

2° **ishuri:** urwego rw'uburezi rutanga inyigisho z'ubumenyi rusange, iz'imyuga n'ubumenyingiro cyangwa izihariye zisozwa n'impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi;

3° **Minisitiri:** Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze;

4° **uburezi:** Inyigisho zihabwa umuntu ku nzego zinyuranye kugira ngo yongere ubumenyi, ubumenyingiro, ubwenge n'uburere;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law determines the organization of education.

**Article 2: Definitions of terms**

As used in this Law, the following terms have the meanings assigned to them below:

1° **courses:** lessons offered in the school that are intended for students enrolled on a regular or an irregular basis;

**2° school:** an educational institution that provides general education courses, vocational and technical training, or specific education leading to the award of a degree or certificate or diploma;

3° **Minister:** the Minister in charge of education;

4° **education:** courses offered to a person at various levels to enable him or her to increase his or her knowledge, vocational skills, intelligence and upbringing;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi détermine l'organisation de l'éducation.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1° **cours** : leçons dispensées par l'école à l'intention des étudiants admis à titre régulier ou irrégulier;

2° **école:** établissement d'enseignement qui dispense des cours d'enseignement général, une formation professionnelle et technique ou une formation spécifique sanctionnée par un diplôme ou certificat;

3° **Ministre:** Ministre ayant l'éducation dans ses attributions ;

4° **éducation**: cours dispensés à une personne à différents niveaux pour lui permettre d'accroître ses connaissances, ses compétences professionnelles, son intelligence et son éducation;

5° **uburezi bwihariye:** inyigisho zigenewe abafite ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe cyangwa abafite ubwenge budasanzwe budashobora gutuma bigana n'abandi;

6° **uburezi nkangurambaga**: inyigisho zihabwa abaturage muri rusange cyangwa itsinda ry'abaturage binyujijwe mu biganiro binyuranye;

**7° umuntu mukuru:** Umuntu ufite nibura imyaka cumi n'itanu (15);

8° **umunyeshuri:** umuntu wese wemerewe n'ishuri gukurikirana amasomo atangwa naryo mu buryo buhoraho cyangwa budahoraho;

9° **umwarimu:** Umukozi w'ikigo cy'ishuri ubifitiye ubumenyi ukora akazi ko kwigisha, ak'ubushakashatsi, ak'ubuyobozi bw'ishuri, ako kuyobora amasomo, cyangwa ako gukurikirana imyifatire n'imyitwarire y'abanyeshuri.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Intego y'uburezi**

Uburezi bw'u Rwanda bufite intego yo gutanga inyigisho n'uburere bifite ireme hagamijwe kwiteza imbere no kuzamura Igihugu muri rusange.

5° **special education:** courses offered to people with physical or mental disabilities or those with unusual intellectual ability which does not allow them to study with other learners;

6° **informal education:** courses offered to the general population or for a specific group of people through various presentations;

7° **adult:** a person who is fifteen (15) years of age or older;

8° **student:** any person admitted in the school to attend lessons offered in that school on permanent or temporary basis;

9° **teacher:** a qualified employee of a school who does the job of teaching, conducting research, heading the school, heading studies or monitoring students' discipline and good conduct.

**<u>Article 3</u>: Mission of education**

The mission of the Rwandan education is to provide quality courses and education towards self-development and national development in general.

5º **éducation spécialisée**: cours dispensés aux personnes ayant un handicap physique ou mental ou ayant une capacité intellectuelle inhabituelle qui ne leur permet pas d'étudier avec d'autres apprenants;

6º **éducation informelle**: cours dispensés à la population générale ou à un groupe spécifique de personnes à travers diverses présentations;

7º **adulte**: personne âgée d'au moins quinze (15) ans;

8º **étudiant**: toute personne admise à l'école pour assister aux cours offerts dans cette école à titre permanent ou temporaire;

9º **enseignant**: employé qualifié d'une école qui fait le travail d'enseignement, de recherche, de direction de l'école, de direction d'études ou de contrôle de la discipline et de la bonne conduite des élèves.

**<u>Article 3</u>: Mission de l'éducation**

La mission de l'éducation rwandaise est de dispenser des cours et une éducation de qualité pour l'auto-développement et le développement national en général.

**Ingingo ya 4: Intego zihariye z'uburezi**

Intego zihariye z'Uburezi ni izi zikurikira:

1° guha Abanyarwanda inyigisho zikenewe ku nzego zose z'uburezi rusange hamwe n'iz'imyuga n'ubumenyingiro;

2° gutanga inyigisho n'uburere bifite ireme ku nzego zose;

3° guteza imbere ubumenyi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi hagamijwe guha umubare munini w'Abanyarwanda ubushobozi bwo kwihutisha iterambere ry'Igihugu;

4° guteza imbere umuco w'amahoro, uw'ubworoherane, uw'ubutabera, uwo kubahiriza uburenganzira bwa muntu, uw'ubufatanye, uwa demokarasi, n'uwo kwirinda ivangura cyangwa itonesha iryo ari ryo ryose;

5° guha buri Munyarwanda uburere bwuzuye bushingiye ku muco mbonezabupfura, ku bumenyi, ku mibereho myiza y'abaturage no kubaka igihugu kugira ngo kigere ku majyambere arambye;

**Article 4: Objectives of education**

The objectives of education are the following:

1º to provide Rwandans with adequate skills at all levels of general education as well as technical and vocational skills;

2º to offer quality courses and education at all levels;

3º to promote science, technology and research in order to equip many Rwandans with capacity to speed up national development;

4º to promote the culture of peace, tolerance, justice, respect for human rights, solidarity, democracy and that of avoiding any form of discrimination or favouritism;

5º to provide each Rwandan with an integrated education based on ethical values, science and social welfare and directed towards building a nation to ensure its sustainable development;

**Article 4: Objectifs de l'éducation**

Les objectifs de l'éducation sont les suivants:

1º assurer aux Rwandais une éducation appropriée à chaque niveau de l'enseignement général ainsi que les compétences techniques et professionnelles;

2º dispenser des cours et une éducation de qualité à tous les niveaux;

3º promouvoir la science, la technologie et la recherche afin de donner à un grand nombre de rwandais la capacité d'accélérer le développement du pays;

4º promouvoir la culture de la paix, de la tolérance, de la justice, du respect des droits de la personne, de la solidarité, de la démocratie et celle d'éviter toute forme de discrimination et de favoritisme;

5º dispenser à tout Rwandais une éducation intégrale basée sur des valeurs éthiques, la science et le bien- être social et orientée vers l'édification d'une nation en vue de son développement durable;

6° gutoza Umunyarwanda gukunda umurimo unoze, kugira umurava, kubahiriza igihe no gushyira imbere ubushobozi;

7° gutoza Umunyarwanda kugira ubwigenge bwo kwitekerereza, guhanga, kwakira no gusesengura ibitekerezo by'abandi no kugaragaza ibye bwite, gukunda igihugu no kumushishikariza kumenya ibibera ahandi;

8° gukuraho impamvu n'inzitizi zose zibangamira iterambere ry'uburezi n'uburere bw'ab'igitsina gore n'ubw'abandi bagaragaraho ko bakeneye kwitabwaho by'umwihariko.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Inshingano za Leta mu burezi**

Leta ishinzwe iterambere rusange ry'uburezi, cyane cyane kubungabunga ireme ryabwo.

By'umwihariko, yita kuri ibi bikurikira:

1° gushyiraho politiki, amategeko n'amabwiriza bigenga uburezi no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo;

6º to instil into Rwandans the love of a job well done, the value of hard work, punctuality and promotion of competence;

7º to train the Rwandan to have freedom of thought, be innovative, have abilities to acquire and be analytical towards other people's opinions and to communicate his or her own ideas, to be patriotic and encourage him or her to be updated on the situation prevailing elsewhere;

8º to eliminate all grounds and obstacles that hinder the development of girls and women education as well as of any other groups that need special attention.

**<u>Article 5</u>: Responsibilities of the government in education**

The Government is responsible for general development of education especially preserving quality of education.

Particularly, the Government considers the following:

1° to design policy, legislation and regulations governing education and monitor their implementation;

6º inculquer aux Rwandais l'amour du travail bien fait, la valeur du travail ardu, la ponctualité et la promotion de la compétence;

7º développer chez le Rwandais la liberté de penser, l'esprit de créativité, d'acceptation et d'analyse des opinions des autres et de communiquer ses propres opinions, à être patriote et à s'ouvrir sur le monde;

8º éliminer toutes les causes et tous les obstacles qui handicapent l'éducation de la femme et des autres groupes humains nécessitant une attention particulière.

**<u>Article 5</u>: Rôle de l'Etat dans l'éducation**

L'État est chargé du développement général de l'éducation et plus particulièrement la sauvegarde de sa qualité.

L'État s'occupe particulièrement de ce qui suit:

1° élaborer la politique, la législation et les règlements régissant l'éducation et faire le suivi de leur mise en œuvre;

2° kugenzura no gusuzuma ibikorwa byose byerekeranye n'uburezi;

3° gushyiraho no kubahiriza igenamigambi riboneye ry'uburezi.

Leta yubahiriza inshingano zayo mu burezi, ibinyujije muri Minisiteri ifite buri bwoko bw'uburezi mu nshingano zayo.

**UMUTWE WA II: UBWOKO BW'UBUREZI**

**Ingingo ya 6: Ubwoko bw'uburezi**

Uburezi bugizwe na:

1º uburezi bwo mu muryango;
2º uburezi bwo mu mashuri;
3º uburezi bw'abantu bakuru;
4º uburezi nkangurambaga.

**Icyiciro cya mbere: Uburezi bwo mu muryango**

**Ingingo ya 7: Uburezi bwo mu muryango**

Uburezi bwo mu muryango butangwa n'ababyeyi b'umwana, abamwishingiye n'abandi bose babana na we. Bugamije

2° to supervise and assess all the activities related to education;

3° to establish and respect appropriate planning of education.

The Government discharges its responsibilities with regard to education through the Ministry in charge of every type of education.

**CHAPTER II: TYPES OF EDUCATION**

**Article 6: Types of education**

Education is comprised of:

1º education within the family;
2º formal education;
3º adult education;
4º informal education.

**Section One: Education within the family**

**Article 7: Education within the family**

Education within the family is provided by the parents, guardians and people who stay with the child. Its aim is to provide a child with knowledge and ethical values.

2° superviser et examiner toutes les activités en rapport avec l'éducation ;

3° établir et respecter une bonne planification de l'éducation.

L'État accomplit ses responsabilités en matière d'éducation par l'intermédiaire du Ministère ayant chaque type d'éducation dans ses attributions.

**CHAPITRE II: TYPES D'ÉDUCATION**

**Article 6: Types d'éducation**

L'éducation comprend:

1º l'éducation en famille;
2º l'éducation formelle;
3º l'éducation des adultes;
4º l'éducation informelle.

**Section première: Education en famille**

**Article 7: Education en famille**

L'éducation en famille est dispensée par les parents de l'enfant, ses tuteurs ainsi que par son entourage. Elle vise à assurer à l'enfant une connaissance et les valeurs éthiques.

gufasha umwana kugira ubumenyi n'uburere byiza.

**Icyiciro cya 2: Uburezi bwo mu mashuri**

**Akiciro ka mbere: Ibyiciro by'uburezi bwo mu mashuri**

**Ingingo ya 8: Ibyiciro bigize uburezi bwo mu mashuri**

Inyigisho z'ubumenyi rusange zitangirwa mu byiciro bine (4) by'amashuri y'inyigisho rusange bikurikira:

1º amashuri y'incuke;
2º amashuri abanza;
3º amashuri yisumbuye;
4º amashuri makuru.

Inyigisho z'imyuga n'ubumenyingiro zitangirwa mu byiciro by'amashuri y'inyuga n'ubumenyingiro hakurikijwe amategeko abigenga.

Inyigisho zihariye zitangirwa mu mashuri y'uburezi bwihariye hashingiwe ku mwihariko w'abo inyigisho zigenewe.

Ibisabwa kugira ngo hatangwe cyangwa hemerwe impamyabumenyi

**Section 2: Formal education**

**Subsection One: Levels of formal education**

**Article 8: Levels of formal education**

General education is offered through the following four (4) levels of general education:

1º nursery education;
2º primary education;
3º secondary education;
4º higher education.

Technical and vocational training is provided at different levels of technical and vocational training schools in accordance with relevant laws.

Special education is provided in special education schools depending on the particularity of the beneficiaries of this kind of education.

The qualification framework of each level of education is determined by an Order of the

**Section 2: Education formelle**

**Sous-section première: Niveaux de l'éducation formelle**

**Article 8: Niveaux de l'éducation formelle**

L'éducation formelle est dispensée à travers quatre (4) niveaux d'éducation formelle suivants :

1º éducation préscolaire;
2º enseignement primaire;
3º enseignement secondaire;
4º enseignement supérieur.

La formation technique et professionnelle est dispensée à différents niveaux des écoles de formation technique et professionnelle conformément aux lois en la matière.

L'éducation spéciale est dispensée dans les écoles d'éducation spéciale en fonction de la particularité des bénéficiaires de ce type d'éducation.

Le cadre de qualification de chaque niveau d'enseignement est déterminé par Arrêté du

n'impamyabushobozi bihabwa urangije buri cyiciro cy'amashuri bigenwa n'Iteka rya Minisitiri. Rigena kandi ibyerekeye igereranya n'iyemezwa ry'umwimerere w'impamyabumenyi n'impamyabushobozi zatangiwe mu mahanga n'izemewe mu Rwanda.

Itegeko ryihariye rigena imiterere n'imikorere by'ibyiciro by'uburezi bwo mu mashuri.

**Ingingo ya 9: Amashuri y'incuke**

Uburezi bugenewe abana b'incuke butangirwa mu mashuri yitwa "amashuri y'incuke". Ayo mashuri agamije kumenyereza umwana kubana n'abandi no gutuma ubwenge bwe bukanguka, akamuhesha uburyo bwo gukina n'abandi bana, gukora imyitozo y'umubiri, iy'injyana n'iy'amaboko. Bugamije kandi gutegura umwana kugira ngo abashe gukurikira neza amashuri abanza.

**Ingingo ya 10: Amashuri abanza**

Amashuri abanza atangirwamo inyigisho ziteguririra abanyeshuri gukurikira neza amashuri yisumbuye. Atangirwamo kandi inyigisho zerekeye uburere mboneragihugu, umuco mbonezabupfura, uburere bw'ubwenge n'ubw'umubiri n'ubumenyi shingiro

Minister, which also determines equivalence and authentication of degrees or certificates issued abroad and those issued in Rwanda.

A special law determines the organization and functioning of levels of formal education.

**Article 9: Nursery education**

Nursery education is provided in schools called "nursery schools". The aim of these schools is to teach the child how to socialize with other children and awake his/her skills, enabling the child to play with other children and do physical, rhythmic and manual exercises. It also aims at preparing the child to easily follow primary school.

**Article 10: Primary education**

Primary education prepares pupils to easily follow secondary education. It shall also provide pupils with civic, ethics, intellectual and physical education as well as basic knowledge a pupil needs on a daily basis.

Ministre. Ledit arrêté détermine également le régime des équivalences et authentification des diplômes ou des certificats délivrés à l'étranger et ceux délivrés au Rwanda.

Une loi particulière détermine l'organisation et le fonctionnement des niveaux d'éducation formelle.

**Article 9: Education préscolaire**

L'éducation préscolaire est organisée au sein des écoles appelées «écoles maternelles». Ces écoles ont pour objectif de favoriser la socialisation de l'enfant et l'éveil de ses facultés en lui accordant la possibilité de jouer avec d'autres enfants et de pratiquer des exercices physiques, rythmiques et manuels. Elle vise aussi à préparer l'enfant à mieux suivre l'enseignement primaire.

**Article 10: Enseignement primaire**

L'enseignement primaire prépare les écoliers à mieux suivre l'enseignement secondaire. Il assure également l'éducation civique, morale, intellectuelle et physique de l'écolier et lui donne des connaissances de base dont il a besoin dans la vie quotidienne.

umunyeshuri akeneye mu mibereho ye isanzwe.

**Ingingo ya 11: Amashuri yisumbuye**

Amashuri yisumbuye atangirwamo inyigisho z'ubumenyi rusange zigabanyije mu mashami anyuranye.

Amashuri yisumbuye ategurira abanyeshuri gukurikirana amashuri makuru no kugira uruhare mu iterambere rusange ry'Igihugu.

**Ingingo ya 12: Amashuri makuru**

Amashuri makuru atangirwamo inyigisho zihanitse z'ubumenyi rusange n'iz'imyuga n'ubumenyingiro mu mashami anyuranye. Agamije guteza imbere ubumenyi, ubushakashatsi no kugira uruhare mu iterambere rusange ry'Igihugu.

**Ingingo ya 13: Amashuri y'uburezi bwihariye**

Amashuri y'uburezi bwihariye agamije kwakira abanyeshuri bakeneye kwitabwaho ku buryo bw'umwihariko kubera ubumuga cyangwa indi mpamvu byihariye bituma badashobora kwiga mu buryo busanzwe.

**Article 11: Secondary education**

Secondary education provides general education divided into several sections.

Secondary education prepares students for higher education and enable them to play an important role in the general development of the country.

**Article 12: Higher education**

Higher education aims at providing high-level general education and technical and vocational education in different departments. It aims at development of knowledge, research as well as playing a major role in the general development of the country.

**Article 13: Special education schools**

Special education schools are intended to admit students whose condition requires special care due to their disabilities or due any other specific reason which prevents them from being in mainstream school settings.

**Article 11: Enseignement secondaire**

L'enseignement secondaire dispense un enseignement général réparti en différentes sections.

L'enseignement secondaire prépare les élèves à l'enseignement supérieur et à jouer un rôle dans le développement général du pays.

**Article 12: Enseignement supérieur**

L'enseignement supérieur dispense des enseignements de haut niveau de l'enseignement général ainsi que technique et professionnel dans différents départements. Il a pour but de promouvoir la science, la recherche et le développement général du pays.

**Article 13: Ecoles d'enseignement spécialisé**

Les écoles d'enseignement spécialisé ont pour but d'admettre des étudiants dont l'état exige une prise en charge particulière en raison de leur handicap ou pour toute autre raison spécifique qui ne leur permet pas d'être scolarisés en milieu ordinaire.

Uburyo abakeneye kwitabwaho by'umwihariko bikorwa, bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Ingingo ya 14: Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro**

Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro atangirwamo inyigisho za tekiniki, iz'imyuga n'ubumenyingiro ku nzego zinyuranye. Agamije kwigisha no gutoza abanyeshuri imyuga hagamijwe kubaha ubushobozi bwo gukora imirimo inyuranye ikenewe mu gihugu, kwihangira umurimo no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

**Ingingo ya 15: Ururimi rwigishwamo mu burezi bwo mu mashuri**

Ururimi rwigishwamo mu burezi bwo mu mashuri rugenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**Akiciro ka 2: Ubwoko bw'amashuri**

**Ingingo ya 16: Ubwoko bw'amashuri hakurikijwe uburyo yashinzwe**

Amashuri arimo ubwoko butatu hakurikijwe uburyo yashinzwe:

1° amashuri ya Leta;
2° amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano;

Modalities for such special care are determined by an Order of the Minister.

**Article 14: Technical and vocational schools**

Technical and vocational schools provide technical and vocational training at different levels. They are intended to teach and equip students with skills enabling them to work in various key areas in the country, create jobs and contribute to national development.

**Article 15: Medium of instruction in formal education**

The medium of instruction in formal education is determined by an Order of the Minister.

**Subsection 2: Types of schools**

**Article 16: Types of schools according to their establishment**

Schools are divided into three types according to their establishment:

1° public schools;
2° government-subsidized schools;

Les modalités de cette prise en charge particulière sont déterminées par Arrêté du Ministre.

**Article 14: Écoles techniques et professionnelles**

Les écoles techniques et professionnelles dispensent une formation technique et professionnelle à différents niveaux. Elles visent à enseigner et à apprendre aux élèves des métiers en vue de leur donner la capacité d'exercer les différentes activités nécessaires pour le pays, de créer des emplois et de participer au développement national.

**Article 15: Langue d'enseignement dans l'éducation formelle**

La langue d'enseignement dans l'éducation formelle est déterminée par Arrêté du Ministre.

**Sous-section 2: Types d'écoles**

**Article 16: Types d'écoles selon leur mode de création**

Les écoles sont réparties en trois types selon leur mode de création:

1° les écoles publiques;
2° les écoles conventionnées;

3° amashuri yigenga.

Uburyo ishuri rihindura ubwoko bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Amashuri ya Leta**

Amashuri ya Leta ni abarwa mu mutungo rusange wayo aboneka mu buryo bukurikira:

1° amashuri yashinzwe na Leta;

2° amashuri yubatswe na Leta ikoresheje umutungo wayo bwite, ifashijwe n'inkunga y'abantu ku giti cyabo cyangwa y'amashyirahamwe;

3° amashuri yubatswe n'inkunga y'ubutwererane, ayubatswe n'ubutegetsi bwa gikoloni cyangwa n'indi nkunga iyo ari yo yose yahawe Leta ;

4° amashuri yigenga yeguriwe Leta na bene yo;

5° amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano ahinduka aya Leta mu buryo buteganywa n'ayo masezerano.

3° private schools.

Modalities for the change in the type of a school are determined by an Order of the Minister.

**<u>Article 17</u>: Public schools**

Public schools are those which are part of public property established as follows:

1° schools established by the Government;

2° schools built by the Government with its own funds, with the help of individuals or associations;

3° schools built through a foreign cooperation, colonial administration or through any other subsidy granted to the Government;

4° private schools handed over to the Government by the owners;

5° Government-subsidized schools that turn into public schools in accordance with the modalities provided for by the signed agreement.

3° les écoles privées.

Les modalités de changement du type d'école sont déterminées par Arrêté du Ministre.

**<u>Article 17</u>: Ecoles publiques**

Les écoles publiques sont celles relevant du domaine public et créées de la manière suivante:

1° les écoles créées par l'Etat;

2° les écoles construites par l'État avec ses propres fonds, à l'aide des apports des particuliers ou des associations;

3° les écoles construites à l'aide des fonds issus de la coopération, celles construites par le pouvoir colonial ou à l'aide de toute autre subvention allouée à l'Etat ;

4° les écoles privées cédées à l'Etat par leurs propriétaires;

5° les écoles conventionnées devenues des écoles publiques selon les modalités stipulées dans la convention.

**Ingingo ya 18: Amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano**

Amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano ni :

1° amashuri yubatswe na Leta ku butaka bwahawe umuntu ku giti cye cyangwa umuryango nyarwanda utari uwa Leta cyangwa mvamahanga ku buryo bwemewe n'amategeko;

2° amashuri Leta yubatse ifatanyije n'umuryango nyarwanda utari uwa Leta cyangwa mvamahanga ku butaka bwahawe uwo muryango ku buryo bwemewe n'amategeko

3° amashuri yubatswe n'umuryango nyarwanda utari uwa Leta cyangwa mvamahanga ku butaka wahawe ku buryo bwemewe n'amategeko, Leta ikagira uruhare mu kuyasana, kuyagura cyangwa kuyaha ibikoresho, uretse mu gihe Leta yabitanze nk'impano mu buryo bwanditse.

Muri aya mashuri, Leta n'abo bafatanyije bagirana amasezerano y'imikorere agaragaza uruhare n'inshingano za buri ruhande.

**Article 18: Government-subsidized schools**

Government-subsidized schools are:

1° schools built by the Government on a plot legally granted to an individual or national non-governmental organization or an international non-governmental organization;

2° schools built by the Government in collaboration with a national non-governmental organization or an international non-governmental organization on a plot legally granted to that organization;

3° schools built by a national non-governmental organization or international non-governmental organization on a plot legally granted to it which the Government contributed to their rehabilitation, extension or equipment except if the Government donated it in writing.

As for such schools, the Government and its partners enter into an operating agreement which sets out the role and responsibilities of each party.

**Article 18: Écoles conventionnées**

Les écoles conventionnées sont :

1° les écoles construites par l'État sur un terrain légalement attribué à une organisation nationale non-gouvernementale ou une organisation internationale non-gouvernementale;

2° les écoles construites par l'Etat en collaboration avec une organisation nationale non-gouvernementale ou une organisation internationale non-gouvernementale sur un terrain légalement attribué à cette organisation;

3° les écoles construites par une organisation nationale non-gouvernementale ou une organisation internationale non-gouvernementale sur un terrain lui attribué légalement auxquelles l'Etat a participé à la réhabilitation, à leur extension ou à leur équipement sauf dans le cas d'une donation écrite de l'État.

Quant à ces écoles, l'État et ses partenaires concluent un accord de fonctionnement qui définit le rôle et les responsabilités de chaque partie.

**Ingingo ya 19: Amashuri yigenga**

Amashuri yigenga ni amashuri yashinzwe n'abantu ku giti cyabo, imiryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango mvamahanga, amashyirahamwe cyangwa abikorera.

**Ingingo ya 20: Ibisabwa usaba gushinga ishuri ryigenga**

Gushinga ishuri bikorwa hagamijwe iterambere ry'uburezi hibandwa ku nyigisho zikenewe mu gihugu.

Umuntu wese usaba uburenganzira bwo gushinga ishuri ryigenga agomba kubahiriza ibi bikurikira:

1° kugaragaza umushinga w**e** w'uburezi ukubiyemo intego, ibikorwa biteganyijwe, ubushobozi afite n'imikorere y'ishuri;

2° kugirana amasezerano n'urwego rubifitiye ububasha bitewe **n'icyiciro cy**'ishuri ashaka gushinga:

a) kugirana amasezerano n'urwego rw'Igihugu rufite ubugenzuzi

**Article 19: Private schools**

Private schools are schools established by Individuals, national non-governmental organizations, international non-governmental organizations, associations or private stakeholders.

**Article 20: Requirements to establish a private school**

The establishment of a school is undertaken for education development with a focus on courses which respond to national needs.

Any person applying for authorization to establish a private school must fulfil the following requirements:

1° to present his or her education project comprising objectives, action plan, available means, functioning of the school;

2° to sign an agreement with the competent organ based on the level of education he/she intends to establish in his/her proposed school:

a) to enter into an agreement with the national organ in charge of regulation of

**Article 19: Écoles privées**

Les écoles privées sont des écoles créées par les personnes physiques, les organisations nationales non-gouvernementales, les organisations internationales non-gouvernementales, les associations ou les acteurs privés.

**Article 20: Conditions d'ouverture d'une école privée**

La création d'une école se fait dans le but du développement de l'éducation en accordant la priorité aux cours répondant aux besoins du pays.

Quiconque demande l'autorisation de créer une école privée doit remplir les conditions suivantes :

1° présenter son projet éducatif comprenant les objectifs, le plan d'action, les moyens disponibles, le fonctionnement de l'école ;

2° signer une convention avec l'organe compétent compte tenu du niveau d'enseignement qu'elle envisage de créer :

a) signer une convention avec l'organe national chargé de l'inspection des écoles

bw'amashuri y'incuke, abanza n'ayisumbuye mu nshingano zarwo mu gihe **y**ifuza gushinga ishuri ry'incuke, iribanza cyangwa iryisumbuye;

b) kugirana amasezerano n'urwego rw'Igihugu rufite ubugenzuzi bw'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro mu nshingano zaryo mu gihe yifuza gushinga ishuri ryisumbuye ry'imyuga n'ubumenyingiro;

c) kugirana amasezerano na Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze mu gihe yifuza gushinga ishuri rikuru.

Iyo usaba uburenganzira bwo gushinga ishuri yifuza gushinga ishuri rifite umwihariko utuma indi Minisiteri igira uruhare muri iryo shingwa, Minisitiri amaze kubyumvikanaho na Minisitiri ufite uwo mwihariko mu nshingano ze, agirana amasezerano n'ushaka gushinga ishuri.

Urwego rwa Leta rwagiranye amasezerano n'ushaka gushinga ishuri rubimenyesha Akarere usaba gushinga ishuri yifuza kurishingamo.

nursery, primary and secondary schools if the applicant intends to establish a nursery, primary or secondary school;

b) to sign an agreement with the national organ in charge of regulation of technical and vocational schools if the applicant intends to establish a secondary technical and vocational school;

c) to sign an agreement with the Minister in charge of higher education if he or she intends to establish an institution of higher learning.

If the applicant intends to establish a school which has a particularity that requires involvement of any other Ministry, the Minister, after consultation with the Minister having that particularity in his/her portfolio, sign an agreement with the applicant who intends to establish the school.

The government organ having signed an agreement with a person who intends to establish a school informs the District in which the applicant intends to establish the school.

maternelles, primaires et secondaires lorsqu'il souhaite créer une école maternelle, primaire ou secondaire ;

b) signer une convention avec l'organe national chargé de l'inspection des écoles techniques et professionnelles lorsqu'il souhaite créer une école secondaire technique et professionnelle ;

c) signer une convention avec le Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions lorsqu'il souhaite créer une école supérieure.

Lorsque l'école que le demandeur souhaite créer, a une particularité impliquant un autre Ministère, le Ministre, après concertation avec le Ministre ayant cette particularité dans ses attributions, signe une convention avec la personne qui désire créer l'école.

L'organe de l'Etat ayant signé une convention avec une personne qui désire créer une école informe le district dans lequel le demandeur a l'intention de créer l'école.

**<u>Akiciro ka 3</u>: Umutungo w'ishuri**

**<u>Ingingo ya 21</u>: Umutungo w'ishuri**

Umutungo w'ishuri ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo w'ishuri rya Leta aho waba ukomoka hose, ukoreshwa hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Umutungo w'ishuri ry'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano aho waba ukomoka hose, ukoreshwa hashingiwe ku masezerano Leta igirana n'abo bafatanyije.

Umutungo w'ishuri ryigenga aho waba ukomoka hose, ucungwa na nyir'ishuri hatabangamiwe inyungu z'uburezi kandi hakurikijwe amasezerano yagiranye n'urwego rubifitiye ububasha.

**<u>Akiciro ka 4</u>: Imicungire y'amashuri**

**<u>Ingingo ya 22</u>: Imicungire y'amashuri**

Amashuri ya Leta acungwa na Leta hakurikijwe amategeko abigenga.

**<u>Subsection 3</u>: School property**

**<u>Article 21</u>: School property**

The school property is comprised of movable and immovable assets.

The property of a public school, irrespective of its source is used in accordance with laws governing the management of State finances and property.

The property of a Government-subsidized school is, irrespective of its source, managed in accordance with the agreement between the Government and partners.

The property of a private school is, irrespective of its source, managed by the owner of the school without prejudice to the interests of education and in conformity with the agreement signed with the competent organ.

**<u>Subsection 4</u>: Management of schools**

**<u>Article 22</u>: Management of schools**

Public schools are managed by the Government in accordance with relevant laws.

**<u>Sous-section 3:</u> Patrimoine de l'école**

**<u>Article 21</u>: Patrimoine de l'école**

Le patrimoine d'une école comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine d'une école publique, quelle que soit sa source, est utilisé conformément aux lois régissant la gestion du patrimoine et des finances de l'État.

Le patrimoine d'une école conventionnée, quelle que soit sa source, est géré en conformité avec la convention signée entre l'État et ses partenaires.

Le patrimoine d'une école privée, quelle que soit sa source, est géré par le propriétaire de l'école sans porter préjudice aux intérêts de l'éducation et en conformité avec la convention conclue avec l'organe compétent.

**<u>Sous-section 4</u>: Gestion des écoles**

**<u>Article 22</u>: Gestion des écoles**

Les écoles publiques sont gérées par l'État conformément aux lois en la matière.

Amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano acungwa hakurikijwe ayo masezerano.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho amategeko yihariye agenga amashuri y'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano.

Amashuri yigenga acungwa na ba nyirayo hatabangamiwe inyungu z'uburezi kandi hakurikijwe amasezerano yagiranye n'urwego rubifitiye ububasha.

**Akiciro ka 5: Abakozi bo mu mashuri**

**ingingo ya 23: Abakozi bo mu mashuri ya Leta n'ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano**

Abakozi bo mu buyobozi, abarimu n'abashakashatsi bo mu mashuri ya Leta n'ay'abafatanya na Leta ku bw'amasezerano bagengwa na sitati yihariye.

Abakozi bunganira bo muri ayo mashuri bagengwa n'itegeko rigenga umurimo hamwe n'amasezerano bagirana n'abakoresha.

Government-subsidized schools are managed in accordance with the signed agreement.

A Prime Minister's Order establishes special regulations governing Government-subsidized schools.

Private schools are managed by owners thereof without prejudice to the interests of education and in conformity with the agreement signed with the competent organ.

**Subsection 5: Staff of schools**

**Article 23: Staff of public and Government-subsidized schools**

Administrative, academic and research staff of public and Government-subsidized schools is governed by a special statute.

Support staff of such schools is governed by the labour code and employment contracts.

Les écoles conventionnées sont gérées conformément à la convention signée.

Un Arrêté du Premier Ministre détermine les règlements particuliers applicables aux écoles conventionnées.

Les écoles privées sont gérées par leurs propriétaires sans porter préjudice aux intérêts de l'éducation et en conformité avec la convention conclue avec l'organe compétent.

**Sous-section 5: Personnel des écoles**

**Article 23: Personnel des écoles publiques et conventionnées**

Le personnel administratif, académique et de recherche des écoles publiques et conventionnées est régi par un statut particulier.

Le personnel de soutien de ces écoles est régi par le code du travail et les contrats signés avec l'employeur.

**<u>Ingingo ya 24</u>: Abakozi bo mu mashuri yigenga**

Abakozi bo mu mashuri yigenga bagengwa n'itegeko rigenga umurimo hamwe n'amasezerano bagirana n'abakoresha.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Uburezi bw'abantu bakuru**

**<u>Ingingo ya 25</u>: Uburezi bw'abantu bakuru**

Uburezi bw'abantu bakuru bukubiyemo inyigisho zigenewe abantu bakuru, batashoboye gukurikira uburezi bwo mu mashuri. Bugamije kubaha ubumenyi bw'ibanze burimo gusoma, kwandika no kubara hamwe n'ubundi bumenyi bubaha ubushobozi bwo kugira uruhare mu guteza imbere ubukungu, imibereho myiza n'umuco by'Igihugu.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'imikorere by'uburezi bw'abantu bakuru.

**<u>Icyiciro cya 4</u>: Uburezi nkangurambaga**

**<u>Ingingo ya 26</u>: Uburezi nkangurambaga**

Uburezi nkangurambaga buhabwa abaturage muri rusange hagamijwe kubahugura no kubongerera ubumenyi n'ubushobozi byo

**<u>Article 24</u>: Staff of private schools**

Staff of private schools is governed by the labour code and employment contracts.

**<u>Section 3</u>: Adult education**

**<u>Article 25</u>: Adult education**

Adult education consists of classes intended for adults and youths who did not have access to formal education. It aims at helping them acquire basic skills such as literacy and numeracy as well as other skills enabling them to participate in economic, social and cultural development of the country.

An Order of the Minister determines the organization and functioning of adult education.

**<u>Section 4</u>: Informal education**

**<u>Article 26</u>: Informal education**

Informal education is intended for community members in general with the objective of training them and increasing their knowledge

**<u>Article 24</u>: Personnel des écoles privées**

Le personnel des écoles privées est régi par le code du travail et les contrats signés avec les employeurs.

**<u>Section 3</u>: Éducation des adultes**

**<u>Article 25</u>: Éducation des adultes**

L'éducation des adultes comprend des enseignements destinés aux adultes et jeunes qui n'ont pas pu suivre l'éducation formelle. Cette éducation vise à leur permettre d'acquérir des compétences de base telles que l'alphabétisation et les calculs ainsi que d'autres compétences leur permettant de participer au développement économique, social et culturel du pays.

Un Arrêté du Ministre détermine l'organisation et le fonctionnement de l'éducation des adultes.

**<u>Section 4</u>: Education informelle**

**<u>Article 26</u>: Education informelle**

L'éducation informelle est destinée aux membres de la communauté en général dans le but de les former et d'accroître leurs

gukora imirimo inyuranye ya ngombwa ku iterambere ry'Igihugu.

**MUTWE WA III: IMIKORANIRE MU BUREZI**

**Ingingo ya 27: Imikoranire y'abashinzwe uburezi**

Leta n'abafatanyabikorwa bayo bagomba gufatanya mu burezi hagamijwe buri gihe icyateza imbere uhabwa uburezi ndetse n'abaturarwanda muri rusange.

Leta ni yo ifata iya mbere mu gutungaya iyo mikoranire no gukurikirana iyubahirizwa ry'amategeko ariho mu gihugu n'amasezerano igirana n'abo bafatanyije hagamijwe iterambere rusange ry'uburezi no kubungabunga ireme ryabwo.

**Icyiciro cya mbere: Imikoranire mu burezi bwo mu muryango**

**Ingingo ya 28: Uruhare rwa Leta mu burezi bwo mu muryango**

Leta igena imirongo ngenderwaho mu burezi bwo mu muryango, igakurikirana uburyo

and skills to engage in various activities necessary for national development.

**CHAPTER III: PARTNERSHIP IN EDUCATION**

**Article 27: Partnership between stakeholders in education**

The Government and its partners must engage in partnerships in education while at all times aiming to promote the interests of the beneficiary of education and those of residents of Rwanda in general.

The Government takes the lead in streamlining such partnership and monitoring the respect for applicable laws in the country and agreements entered into with its partners with a view to ensuring the general development of education and preserving its quality.

**Section One: Partnership in family education**

**Article 28: Government's role in family education**

The Government sets guidelines for family education, makes follow-up on the

connaissances et compétences pour leur permettre de s'engager dans diverses activités nécessaires au développement national.

**CHAPITRE III: PARTENARIAT ÉDUCATION**

**Article 27: Partenariat entre les acteurs de l'éducation**

Le gouvernement et ses partenaires doivent s'engager dans des partenariats dans l'éducation en mettant l'accent sur la promotion des intérêts du bénéficiaire de l'éducation et de ceux des résidents du Rwanda en général.

Le gouvernement joue un rôle moteur dans l'organisation de ce partenariat et dans le suivi des lois en vigueur dans le pays et des conventions conclus avec ses partenaires dans le but d'assurer le développement général de l'éducation et de préserver sa qualité.

**Section première: Partenariat dans l'éducation en famille**

**Article 28: Rôle de l'État dans l'éducation familiale**

L'État fixe des lignes directrices pour l'éducation en famille, assure le suivi de leur

yubahirizwa kandi igatanga ubufasha mu gihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 29: Uruhare rw'ababyeyi mu burezi bwo mu muryango**

Ababyeyi bagomba guha uburere bwiza abana babo n'abandi bana bashinzwe kurera. Bagomba kandi kwita ku mibereho myiza yabo kugira ngo bashobore gukura neza.

**Icyiciro cya 2: Imikoranire mu burezi bwo mu mashuri**

**Ingingo ya 30: Uruhare rwa Leta mu burezi bwo mu mashuri**

Mu byerekeye uburezi bwo mu mashuri, Leta:

1° ireberera ibikorwa byose by'uburezi butangirwa mu mashuri ;

2° yishingira ireme ry'uburezi butangirwa mu mashuri ku nzego zose ;

3° yishingira kandi ikagena uburezi bw'ibanze buri wese agomba guhabwa;

implementation thereof and provides support where necessary.

**Article 29: Parents' role in family education**

Parents must provide good education to their children and other children under their care. Also, parents must cater for the welfare of the children to ensure their healthy development.

**Section 2: Partnership in formal education**

**Article 30: Government's role in formal education**

With regard to formal education, the Government:

1° supervises all educational interventions carried out in schools;

2° is the guarantor of quality of formal education at all levels;

3° guarantees and determines basic education for each individual;

mise en œuvre et apporte un soutien si nécessaire.

**Article 29: Rôle des parents dans l'éducation en famille**

Les parents doivent assurer une bonne éducation à leurs enfants et à d'autres enfants dont ils ont la charge. Les parents doivent également veiller au bien-être des enfants pour assurer leur développement sain.

**Section 2: Partenariat dans l'éducation formelle**

**Article 30: Rôle de l'Eta dans l'éducation formelle**

S'agissant de l'éducation formelle, l'État:

1° supervise toutes les interventions en matière d'éducation réalisées dans les écoles;

2° est le garant de qualité de l'éducation formelle à tous les niveaux;

3° garantit et détermine l'éducation de base pour chaque individu;

4° ishaka kandi igatanga mu buryo buboneye ibigenewe uburezi mu mashuri.

**Ingingo ya 31: Uruhare rw'ababyeyi mu burezi bwo mu mashuri**

Ababyeyi:

1° bafasha abana babo mu kubaha ibikenewe mu myigire yabo no mu guhitamo, ishuri rihuje n'ibyifuzo n'ubushobozi byabo;

2° bagira uruhare mu gutsura iterambere ry'uburezi mu mashuri no gukurikirana imiyoborere n'imicungire y'umutungo by'ikigo cy'ishuri abana babo bigamo.

**Ingingo ya 32: Uruhare rw'imiryango, amashyirahamwe n'abikorera mu burezi bwo mu mashuri**

Imiryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango mvamahanga itari iya Leta, amashyirahamwe n'abikorera bagira uruhare mu burezi bwo mu mashuri hakurikijwe amategeko abigenga kandi hashingiwe ku masezerano bagirana na Leta.

4° mobilizes and fairly distributes the necessary means of education in schools.

**Article 31: Parents' role in formal education**

Parents:

1° assist their children in catering for their educational needs and in choosing a school that meets their wishes and abilities;

2° participate in the development of the education system and to monitor the financial and administrative management of the school in which their children are studying.

**Article 32: Role of organizations, associations and private stakeholders in formal education**

National non-governmental organisations, international non-governmental organisations, associations and private stakeholders participate in formal education in accordance with relevant laws and on the basis of the agreement they enter into with the Government.

4º mobilise et assure la distribution équitable des moyens d'éducation nécessaires dans les écoles.

**Article 31: Rôle des parents dans l'éducation formelle**

Les parents:

1º assistent leurs enfants en satisfaisant leurs besoins en éducation et dans le choix d'une école répondant à leurs aspirations et à leurs aptitudes;

2º participent au développement du système éducatif et surveiller la gestion administrative et financière de l'école que fréquentent leurs enfants.

**Article 32: Rôle des organisations, des associations et des acteurs privés dans l'éducation formelle**

Les organisations nationales non gouvernementales, les organisations internationales non gouvernementales, les associations et les acteurs privés participent à l'éducation formelle conformément aux lois en la matière et sur base de la convention conclue avec l'Etat.

**Icyiciro cya 3: Imikoranire mu burezi bw'abantu bakuru**

**Ingingo ya 33: Uruhare rwa Leta mu burezi bw'abantu bakuru**

Mu byerekeye uburezi bw'abantu bakuru, Leta:

1° ishyiraho ingamba n'uburyo kwigisha abantu bakuru bikorwa;

2° ishyiraho integanyanyigisho n'imfashanyigisho zirebana n'uburezi bw'abantu bakuru kandi igakurikirana uko zikurikizwa;

3° itanga uburenganzira ku miryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango mvamahanga itari iya Leta amashyirahamwe n'abikorera bifuza kwigisha abantu bakuru ;

4° ikurikirana uko kwigisha abantu bakuru bishyirwa mu bikorwa.

**Section 3: Partnership in adult education**

**Article 33: Government's role in adult education**

As for adult education, the Government:

1° sets up strategies and modalities for adult education;

2° develop curricula and teaching aids for adult education and monitors application thereof;

3° grants authorisation to national non-governmental organisations, international non-governmental organizations, associations and private stakeholders wishing to offer adult education;

4° monitors the implementation of adult education.

**Section 3: Partenariat en éducation des adultes**

**Article 33: Rôle du gouvernement dans l'éducation des adultes**

S'agissant de l'éducation des adultes, le gouvernement:

1º met en place des stratégies et des modalités pour l'éducation des adultes;

2º élabore des programmes d'enseignement et matériaux didactiques pour l'éducation des adultes et fait le suivi de leur l'application;

3º accorde l'autorisation aux organisations nationales non gouvernementales, aux organisations internationales non gouvernementales, aux associations et aux acteurs privés qui souhaitent s'engager dans l'éducation des adultes;

4º fait le suivi de la mise en œuvre de l'éducation des adultes.

**Ingingo ya 34: Uruhare rw'Imiryango, amashyirahamwe cyangwa abikorera mu burezi bw'abantu bakuru**

Imiryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango mvamahanga itari iya Leta, amashyirahamwe n'abikorerera:

1° bakangurira abo bashinzwe kwitabira uburezi bw'abantu bakuru mu gihe cyose bikenewe;

2° batanga inyigisho zigenewe abantu bakuru bakurikiza amabwiriza n'integanyanyigisho bitangwa na Leta.

**Icyiciro cya 4: Imikoranire mu burezi nkangurambaga**

**Ingingo ya 35: Uruhare rwa Leta mu burezi nkangurambaga**

Mu byerekeye uburezi nkangurambaga, Leta:

1° ishyiraho imirongo migari igomba kwitabwaho mu gutanga uburezi nkangurambaga;

2° ikoresha inzego zayo zinyuranye mu gutanga uburezi nkangurambaga aho bikenewe hose.

**Article 34: Role of organisations, associations or private stakeholders in adult education**

National non-governmental organizations, international non-governmental organizations, associations and private stakeholders:

1° sensitize their beneficiaries to participate in adult education whenever necessary;

2° provide education designed for adults in accordance with regulations and curricula provided by the Government.

**Section 4: Partnership in informal education**

**Article 35: Government's role in informal education**

In the area of informal education, the Government:

1° develops broad guidelines for informal education;

2° uses its various organs in providing informal education wherever necessary.

**Article 34: Rôle des organisations, associations ou acteurs privés dans l'éducation des adultes**

Les organisations nationales non gouvernementales, les organisations internationales non gouvernementales, les associations et les acteurs privés:

1° sensibilisent leurs bénéficiaires à participer à l'éducation des adultes chaque fois que de besoin;

2° offrent une éducation destinée aux adultes conformément aux règlements et aux programmes d'enseignement fournis par l'Etat.

**Section 4: Partenariat en éducation informelle**

**Article 35: Rôle de l'Etat dans l'éducation informelle**

Dans le domaine de l'éducation informelle, l'Etat:

1° établit des orientations générales pour l'éducation informelle;

2° se sert de ses divers organes pour dispenser une éducation informelle partout où cela est nécessaire.

**Ingingo ya 36: Uruhare rw'imiryango, amashyirahamwe cyangwa abikorera mu burezi nkangurambaga**

Imiryango nyarwanda itari iya Leta, Imiryango mvamahanga itari iya Leta, amashyirahamwe n'abikorera:

1° bakangurira abo bashinzwe kwitabira uburezi nkangurambaga mu gihe cyose bikenewe;

2° batanga inyigisho z'uburezi nkangurambaga bakurikije umurongo ngenderwaho watanzwe na Leta.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 37: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri itegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 38: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Article 36: Role of organisations, associations or private stakeholders in informal education**

National non-governmental organisations, international non-governmental organisations, associations and private stakeholders:

1° sensitize their beneficiaries to participate in adult education whenever necessary;

2° provide informal education in accordance with the guidelines set by the Government.

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 37: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 38: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 36: Rôle des organisations, associations ou acteurs privés dans l'éducation informelle**

Les organisations nationales non gouvernementales, les organisations internationales non gouvernementales, les associations et les acteurs privés:

1° sensibilisent leurs bénéficiaires à participer à l'éducation des adultes chaque fois que nécessaire;

2° offrent une éducation informelle conformément aux orientations fixées par l'Etat.

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 37: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi organique été initiée, examinée et adoptée en ikinyarwanda.

**Article 38: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 39</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 29/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 39</u>: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 39</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/06/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO Nº 46/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA ITERABWOBA**

**LAW Nº 46/2018 OF 13/08/2018 ON COUNTER TERRORISM**

**LOI Nº 46/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIÈRES**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: IKUMIRA N'IKURIKIRANA RY'IBIKORWA BY'ITERABWOBA**

**Icyiciro cya mbere: Igota ry'ahakekwa ibikorwa by'iterabwoba**

**Ingingo ya 3: Igota n'abashinzwe kurikora**

**Ingingo ya 4: Ukurindwa kw'ahagoswe**

**Icyiciro cya 2: Gufata, gusaka no gufunga by'agateganyo**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article premier: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**CHAPTER II: PREVENTION AND PROSECUTION OF TERRORIST ACTS**

**Section One: Cordoning off an area suspected of terrorist acts**

**Article 3: Cordoning off and those responsible to do so**

**Article 4: Protection of a cordoned off area**

**Section 2: Arrest, search and provisional detention**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions**

**CHAPITRE II: PRÉVENTION ET POURSUITE DES ACTES TERRORISTES**

**Section première: Bouclage d'un lieu présumé abriter les actes terroristes**

**Article 3: Bouclage et autorités compétentes**

**Article 4: Protection du lieu bouclé**

**Section 2: Arrestation, perquisition et détention provisoire**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 5: Ufite ububasha bwo gutanga urwandiko rufata cyangwa urusaka** | **Article 5: Authority competent to issue an arrest or search warrant** | **Article 5: Autorité compétente pour délivrer un mandat d'arrêt ou de perquisition** |
| **Ingingo ya 6: Kwinjira no gusaka mu nyubako** | **Article 6: Entry and search of a building** | **Article 6: Pénétrer dans un bâtiment et y effectuer une perquisition** |
| **Ingingo ya 7: Isakwa ry'ibinyabiziga bikoresha moteri n'abantu babirimo** | **Article 7: Search of motor vehicles and passengers on board** | **Article 7: Fouille de véhicules à moteur et de passagers à bord** |
| **Ingingo ya 8: Isakwa ry'abanyamaguru** | **Article 8: Search of pedestrians** | **Article 8: Fouille de piétons** |
| **Ingingo ya 9: Kwifashisha impuguke** | **Article 9: Use of experts** | **Article 9: Recours à des experts** |
| **Ingingo ya 10: Ifatira ry'ibimenyetso bifatiwe mu isakwa** | **Article 10: Seizure of evidence from a search** | **Article 10: Saisie des indices résultant de la perquisition ou fouille** |
| **Ingingo ya 11: Ifatwa ry'ukekwaho igikorwa cy'iterabwoba** | **Article 11: Arrest of a suspect** | **Article 11: Arrestation du suspect** |
| **Ingingo ya 12: Igihe ifatwa n'ifungwa ry'agateganyo ry'ukekwaho igikorwa cy'iterabwoba rimara** | **Article 12: Duration of arrest and provisional detention of a suspect of terrorist act** | **Article 12: Durée d'arrestation et de détention provisoire du suspect d'acte terroriste** |
| **UMUTWE WA III: IBIGOMBA KUBAHIRIZWA MU GIHE CY'IPEREREZA** | **CHAPTER III: INVESTIGATIVE RESTRICTION MEASURES** | **CHAPITRE III: MESURES DE RESTRICTION D'ENQUÊTE** |
| **Ingingo 13: Gutegeka ukekwaho icyaha aho agomba gutura** | **Article 13: Imposing residence restriction on a suspect** | **Article 13: Imposer une restriction de séjour au suspect** |
| **Ingingo ya 14: Ibigomba kubahirizwa birebana n'ingendo** | **Article 14: Travel restrictions** | **Article 14: Restrictions de voyage** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Ibigomba kubahirizwa ku bijyanye n'ibikoresho by'itumanaho ry'ikoranabuhanga** | **<u>Article 15</u>: Electronic communication devices restriction** | **<u>Article 15</u>: Restriction des dispositifs de communication électronique** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Ibigomba kubahirizwa mu bijyanye no kwifatanya n'abandi** | **<u>Article 16</u>: Association restriction** | **<u>Article 16</u>: Restriction d'association** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Kugenzura iyubahirizwa ry'ibibujijwe** | **<u>Article 17</u>: Monitoring of restriction measures** | **<u>Article 17</u>: Faire le suivi des mesures de restriction** |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IBYAHA N'IBIHANO KU BIKORWA BY'ITERABWOBA** | **<u>CHAPTER IV</u>: ACTS OF TERRORISM AND PENALTIES** | **<u>CHAPITRE IV</u>: ACTES TERRORISTES ET PEINES** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Kuba mu mutwe w'iterabwoba** | **<u>Article 18</u>: Membership of a terrorist group** | **<u>Article 18</u>: Appartenance à un groupe terroriste** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Gukora no kugira uruhare mu bikorwa by'iterabwoba** | **<u>Article 19</u>: Committing and participating in terrorist acts** | **<u>Article 19</u>: Commission et participation aux actes terroristes** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Kugambana no gushishikariza abandi gukora igikorwa cy'iterabwoba** | **<u>Article 20</u>: Conspiracy and incitement to commit a terrorist act** | **<u>Article 20</u>: Complot et mobilisation à commettre un acte terroriste** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Gutanga amabwiriza mu gikorwa cy'iterabwoba** | **<u>Article 21</u>: Giving orders in a terrorist act** | **<u>Article 21</u>: Donner des instructions dans un acte terroriste** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Guhisha amakuru yerekeye amafaranga cyangwa undi mutungo ukekwaho gukomoka ku gikorwa cy'iterabwoba** | **<u>Article 22</u>: Concealing information regarding money or other property suspected to have resulted from a terrorist act** | **<u>Article 22</u>: Dissimulation des informations sur des fonds ou patrimoine soupçonnés d'être issus d'un acte terroriste** |

**Ingingo ya 23: Ibikorwa by'iterabwoba byibasira indege, ubwato n'ikindi gikoreshwa mu bwikorezi**

**Ingingo ya 24: Gukoresha binyuranyije n'amategeko ikintu giturika cyangwa ikindi kintu gihumanya ahantu hakoreshwa na rubanda**

**Ingingo ya 25: Gusenya inyubako cyangwa uburyo bwo gutwara abantu hagamijwe iterabwoba**

**Ingingo ya 26: Gufata umuntu ho ingwate**

**Ingingo ya 27: Gukoresha iterabwoba ku muntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga**

**Ingingo ya 28: Kwinjira mu nyubako ya Leta, iz'ambasade cyangwa iz'Imiryango Mpuzamahanga hagamijwe igikorwa cy'iterabwoba**

**Ingingo ya 29: Gutunga cyangwa gukora intwaro zihumanya hagamijwe igikorwa cy'iterabwoba**

**Ingingo ya 30: Gukoresha ibikoresho by'ubutabire bihumanya hagamijwe gukora igikorwa cy'iterabwoba**

**Article 23: Terrorist acts against aircraft, vessel or another means of transport**

**Article 24: Illegal use of explosives or any noxious substance in a public place**

**Article 25: Demolishing buildings or means of transport for the purpose of terrorism**

**Article 26: Taking a person hostage**

**Article 27: Terrorism against an internationally protected person**

**Article 28: Entering State, Embassy or International Organizations premises for the purpose of a terrorist act**

**Article 29: Possessing or manufacturing chemical weapons for the purpose of committing a terrorist act**

**Article 30: Use of toxic chemicals for the purpose of committing a terrorist act**

**Article 23: Actes terroristes contre un aéronef, un bateau ou un autre moyen de transport**

**Article 24: Utilisation illégale des explosifs ou toute substance toxique dans un lieu public**

**Article 25: Destruction des édifices ou moyen de transport dans l'intention du terrorisme**

**Article 26: Prise d'otage**

**Article 27: Terrorisme contre une personne jouissant d'une protection internationale**

**Article 28: Entrer dans un édifice de l'État, d'une Ambassade ou des organisations internationales dans l'intention d'un acte terroriste**

**Article 29: Possession ou fabrication d'armes chimiques dans l'intention de commettre un acte terroriste**

**Article 30: Utilisation des produits chimiques toxiques dans l'intention de commettre un acte terroriste**

**Ingingo ya 31: Gukoresha, gukangisha cyangwa kugambana kugira ngo hakoreshwe intwaro za kirimbuzi**

**Ingingo ya 32: Gutanga, kwakira cyangwa gushishikariza kwakira ibikomoka ku iterabwoba**

**Ingingo ya 33: Iterabwoba ku nyungu za politiki**

**Ingingo ya 34: Iterabwoba rishingiye ku nyungu z'idini cyangwa indi ngengabitekerezo**

**Ingingo ya 35: Kubangamira irindwa ry'ibimenyetso n'itangwa ry'amakuru ku gikorwa cy'iterabwoba**

**Ingingo ya 36: Kutubahiriza ibisabwa ukorwaho iperereza**

**Ingingo ya 37: Igihano ku bikorwa by'iterabwoba byateye urupfu**

**Ingingo ya 38: Impamvu nyoroshyacyaha**

**Article 31: Use of, threat or conspiracy to use nuclear weapons**

**Article 32: Donating, receiving or inciting to receive proceeds from terrorism**

**Article 33: Terrorism for political purposes**

**Article 34: Terrorism for religious or any other ideological purpose**

**Article 35: Obstructing the protection of evidence and the provision of information on a terrorist act**

**Article 36: Non-compliance with investigative restrictions**

**Article 37: Penalty for terrorist acts causing death**

**Article 38: Mitigating circumstances**

**Article 31: Utilisation, menaces ou complot d'utilisation d'armes nucléaires**

**Article 32: Offre, réception ou sensibilisation à la réception du produit du terrorisme**

**Article 33: Terrorisme pour des raisons politiques**

**Article 34: Terrorisme fondé sur des raisons religieuses ou sur toute autre idéologie**

**Article 35: Entrave à la protection des preuves et à la divulgation des informations relatives à l'acte terroriste**

**Article 36: Non-respect des mesures restrictives d'enquête**

**Article 37 : Répression des actes terroristes ayant causé la mort**

**Article 38: Circonstances atténuantes**

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 39: Ifatira ry'umutungo** | **Article 39: Seizure of property** | **Article 39 : Saisie des biens** |
| **Ingingo ya 40: Ubufatanye n'ibindi bihugu mu bijyanye no gukora iperereza** | **Article 40: Cooperation with other countries in conducting investigation** | **Article 40: Coopération avec d'autres pays en matière d'enquête** |
| **Ingingo ya 41: Gutangaza urutonde rw'abakora iterabwoba n'abaritera inkunga** | **Article 41: Publication of the list of terrorists and terrorism financiers** | **Article 41: Publication de la liste des terroristes et des financiers du terrorisme** |
| **Ingingo ya 42: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 42: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 42: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 43: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko** | **Article 43: Repealing provision** | **Article 43: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 44: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 44: Commencement** | **Article 44: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº 46/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA ITERABWOBA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano yerekeranye no kurinda ibintu bishobora gukorwamo intwaro za kirimbuzi, yakorewe i Vienne, ku wa 26/10/1979, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 45/01 ryo ku wa 14/04/2002;

**LAW Nº 46/2018 OF 13/08/2018 ON COUNTER TERRORISM**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 30 May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Pursuant to the Convention on the Physical Protection of Nuclear Material and Nuclear Facilities adopted in Vienna on 26/10/1979 as ratified by Presidential Order n° 45/01 of 14/04/2002;

**LOI Nº 46/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LE TERRORISME**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Vu la Convention sur la protection physique des matières nucléaires adoptée à Vienne, le 26/10/1979, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 45/01 du 14/04/2002;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeranye no kurwanya ifatwa ry'ingwate yemejwe n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 17/12/1979, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 41/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Ishingiye ku Masezerano aca itegurwa, ikorwa, ihunikwa n'ikoreshwa ry'intwaro z'uburozi akanagena isenywa ryazo yakorewe i Paris mu Bufaransa ku wa 13/01/1993, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 32 ter/01 ryo ku wa 17/10/2003;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeranye no guhana abakora iterabwoba rikoresha ibisasu biturikana ingufu yemejwe n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 15/12/1997, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 40/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yerekeye kwirinda no kurwanya Iterabwoba yashyiriweho umukono i Alger, ku wa 13/07/1999, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 39/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeranye no guhana abatera inkunga abakora iterabwoba, yemejwe n'Inama

Pursuant to the International Convention against the Taking of Hostages adopted by the United Nations General Assembly on 17/12/1979 as ratified by Presidential Order n° 41/01 of 14/04/2002;

Pursuant to the Convention on the Prohibition of the Development, Production, Stockpiling and use of Chemical Weapons and on their Destruction adopted in Paris, France, on 13/01/1993, as ratified by Presidential Order nº 32 ter/01 of 17/10/2003;

Pursuant to the International Convention for the Suppression of Terrorist Bombings adopted by the United Nations General Assembly Resolution on 15/12/1997 as ratified by Presidential Order n° 40/01 of 14/04/2002;

Pursuant to the OAU Convention on the Prevention and Combating of Terrorism signed at Algiers on 13/07/1999 as ratified by Presidential Order n° 39/01 of 14/04/2002;

Pursuant to the International Convention for the Suppression of the Financing of Terrorism adopted by the United Nations General

Vu la Convention internationale contre la prise d'otages adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies le 17/12/1979, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 41/01 du 14/04/2002;

Vu la Convention sur l'interdiction de la mise au point, de la fabrication, du stockage et de l'emploi des armes chimiques et sur leur destruction adoptée à Paris, France, le 13/01/1993, telle ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 32 ter/01 du 17/10/2003;

Vu la Convention internationale pour la répression des attentats terroristes à l'explosif adoptée par l'Assemblée Générale de l'Organisation des Nations Unies le 15/12/1997, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 40/01 du 14/04/2002;

Vu la Convention de l'OUA sur la prévention et la lutte contre le terrorisme signée à Alger le 13/07/1999, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 39/01 du 14/04/2002;

Vu la Convention internationale pour la répression du financement du terrorisme adoptée par l'Assemblée Générale des Nations Unies le

Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 09/12/1999, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 43/01 ryo ku wa 14/04/2002;

Isubiye ku Itegeko n°45/2008 ryo ku wa 09/09/2008 ryerekeye kurwanya iterabwoba;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije kurwanya no guhana ibikorwa by'iterabwoba.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1 º **ahantu hakoreshwa na rubanda:** igice cy'inyubako iyo ari yo yose, cy'ubutaka, inzira zo ku butaka, mu kirere n'izo mu mazi cyangwa ahandi hantu hemerewe kugerwa cyangwa kunyurwa na rubanda, byaba buri gihe, mu bihe bizwi cyangwa rimwe na rimwe; harimo kandi ahantu hose hakorerwa ubucuruzi, ahantu

Assembly on 09/12/1999 as ratified by Presidential Order n° 43/01 of 14/04/2002;

Having reviewed Law nº 45/2008 of 09/09/2008 on counter terrorism;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article premier: Purpose of this Law**

This Law aims at fighting and punishing acts of terrorism.

**Article 2: Definitions**

For the purposes of this law, the terms below have the following meanings:

1 º **public place:** part of any building, part of land, roads, airspace, waterway or other location that is accessible or open to members of the public, whether continuously, periodically or occasionally, including a commercial, business, cultural, historical, educational,

09/12/1999, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 43/01 du 14/04/2002;

Revu la Loi nº 45/2008 du 09/09/2008 relative à la lutte contre le terrorisme ;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi vise à combattre et à réprimer les actes de terrorisme.

**Article 2: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1 º **lieu public:** partie de tout bâtiment, de terrain, voies terrestres, aériennes, cours d'eau ou autre endroit qui sont accessibles ou ouverts au public, de façon continue, périodique ou occasionnelle, y compris tout lieu à usage commercial, culturel, historique, éducatif, religieux,

ndangamuco cyangwa ndangamateka, ahakorerwa ibijyanye n'uburezi, iyobokamana, imirimo ya Leta, imyidagaduro, aho abantu baruhukira kimwe n'ahandi hameze nk'aho hagerwa n'abantu cyangwa aho bemerewe kugera;

2 º **igikoresho cy'itumanaho ry'ikoranabuhanga:** igikoresho gishobora kubika, kujyana cyangwa kwakira amashusho, amajwi cyangwa amakuru hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga;

3 º **igikoresho cy'ubutabire gihumanya:** igikoresho cy'ubutabire cyose, bitewe n'ibyo gikora ku mikorere y'umubiri w'ibinyabuzima, gishobora gutera urupfu, ubumuga bw'igihe gito cyangwa kwangiza ku buryo buhoraho abantu cyangwa inyamaswa;

4 º **igikorwa cy'iterabwoba:**

a) igikorwa cyose cyagambiriwe kinyuranyije n'amategeko mpanabyaha gishobora kubangamira ubuzima, umutekano, umudendezo, gukomeretsa bikomeye cyangwa guteza urupfu rw'umuntu uwo ari we wese, umubare runaka cyangwa itsinda ry'abantu cyangwa cyangiza cyangwa gishobora

religious, governmental, entertainment, recreational or similar place that is so accessible or open to the public;

2 º **electronic communication device:** tool that is capable of storing, transmitting or receiving images, sounds or information by electronic means;

3 º **toxic chemical:** any chemical product which through its chemical action on life processes can cause death, temporary incapacitation or permanent harm to humans or animals;

4 º **terrorist act:**

a) any deliberate act which is a violation of the criminal laws and which may endanger the life, physical integrity or freedoms of, or cause serious injury or death to, any person, any number or group of persons or causes or may cause damage to public or private property,

officiel, ludique, récréatif ou autre qui est ainsi accessible ou ouvert au public;

2 º **dispositif de communication électronique:** dispositif qui est capable de stocker, de transmettre ou de recevoir des images, des sons ou des informations par voie électronique;

3 º **produit chimique toxique:** tout produit chimique qui, par son action chimique sur des processus biologiques, peut provoquer chez les êtres humains ou les animaux la mort, une incapacité temporaire ou des dommages permanents;

4 º **acte terroriste:**

a) tout acte délibéré en violation des lois pénales susceptible de mettre en danger la vie, l'intégrité physique, les libertés d'une personne ou d'un groupe de personnes, qui occasionne ou peut occasionner des dommages aux biens publics ou privés, aux ressources naturelles, à

kwangiza umutungo wa Leta cyangwa uw'umuntu ku giti cye, umutungo kamere, ibidukikije cyangwa umurage ndangamuco, gikozwe hagamijwe:

i) gukanga, gutera ubwoba, gukoresha ku ngufu, guhatira cyangwa gutera Leta, umuryango, urwego, abaturage cyangwa icyiciro runaka cyabo gukora cyangwa kudakora igikorwa icyo ari cyo cyose, gufata cyangwa kureka umurongo runaka cyangwa kugendera ku mahame runaka;

ii) kubuza imirimo ya Leta igenewe abaturage, itangwa rya serivisi za ngombwa ku baturage gukomeza uko bisanzwe cyangwa guteza imidugararo;

iii) guteza ubwigomeke ku butegetsi mu gihugu;

b) igikorwa cyose cyo guteza imbere, gutera inkunga, guha ubufasha, kuyobora, gufasha, koshya, kwigisha, gutoza, kugerageza, gushishikariza, gukangisha, kugambana, gutegura cyangwa gutanga ibikoreshwa, gikozwe n'umuntu uwo ari we wese hagamijwe

natural resources, environmental or cultural heritage and is calculated or intended to:

i) intimidate, put in fear, force, coerce or induce any government, body, institution, the general public or any segment thereof, to do or abstain from doing any act or to adopt or abandon a particular standpoint or to act according to certain principles;

ii) disrupt any public service, the delivery of any essential service to the public or to create a public emergency;

iii) create general insurrection in a State;

b) any promotion, sponsoring, contribution to, command, aid, incitement, teaching, training, attempt, encouragement, threat, conspiracy, organizing or procurement of any person, with the intent to commit any act referred to in point a).

l'environnement ou au patrimoine culturel, et commis dans l'intention:

i) d'intimider, provoquer une situation de terreur, forcer, exercer des pressions ou amener un Etat, un organisme, une institution, une population ou un groupe de celle-ci, à engager toute initiative ou d'en abstenir, à adopter, à renoncer à une position particulière ou à agir selon certains principes;

ii) de perturber le fonctionnement normal des services publics, la prestation de services essentiels à la population ou de créer une situation de crise au sein de la population;

iii) de créer une insurrection générale dans un État.

b) toute promotion, financement, contribution, ordre, aide, incitation, enseignement, formation, tentative, encouragement, menace, conspiration, organisation ou équipement de toute personne avec l'intention de commettre tout acte mentionné au point a).

gukorwa icyo ari cyo cyose mu bivugwa mu gace ka a).

**5 º ikintu giturika:**

a) intwaro ishobora guturika, kudaturika cyangwa guteza inkongi kandi ikoze ku buryo yateza urupfu cyangwa ishobora gutera urupfu, gukomeretsa umubiri ku buryo bukabije cyangwa kwangiza ibintu iyo iturikijwe;

b) intwaro cyangwa ikindi gikoresho gikoze ku buryo gishobora gutera urupfu, gukomeretsa umubiri ku buryo bukabije cyangwa kwangiza ibintu iyo iturikijwe, biturutse ku kohereza, gukwirakwiza kugerwaho n'ibikoresho by'ubutabire bihumanya; ibikoresho bihumanya bikomoka ku binyabuzima, ubumara cyangwa ibindi bikoresho bikora nka bwo, imirasire cyangwa ibindi bintu bivubura imirasire.

**6 º ikinyabiziga gikoresha moteri:** ikintu cyose kigenewe gutwara abantu n'ibintu gikoresha moteri;

**5 º explosive device:**

a) explosive, non-explosive or incendiary weapon or device that is designed or has the capability to cause death, serious bodily injury or substantial material damage;

b) weapon or device that is designed or has the capability to cause death, serious bodily injury or substantial material damage through the release, dissemination or impact of toxic chemicals, biological agents, toxins or similar substances or radiation or radioactive material.

**6 º motor vehicle:** any device designed for transporting persons and goods and which uses an engine;

**5 º engin explosif:**

a) arme ou engin explosif, non explosif ou incendiaire qui est conçu pour provoquer ou qui peut provoquer la mort, des dommages corporels graves ou d'importants dégâts matériels ou qui en a la capacité;

b) arme ou dispositif qui est conçu pour provoquer ou qui peut provoquer la mort, des dommages corporels graves ou d'importants dégâts matériels ou qui en a la capacité, par l'émission, la dissémination ou l'impact de produits chimiques toxiques, d'agents biologiques, toxines ou substances analogues ou de rayonnement ou de matières radioactives.

**6 º véhicule à moteur :** tout engin affecté au transport des personnes et des biens et qui est doté d'un moteur;

7º **intwaro ya kirimbuzi:** intwaro ifite ubushobozi bwo kurimbura buturuka ku ikoresha ry'ingufu za kirimbuzi;

8º **intwaro z'uburozi:** ibikoresho bikurikira byose hamwe cyangwa kimwe ukwacyo:

a) ibikoresho by'ubutabire bihumanya n'ibyo biturukaho, uretse ibigenewe gukoreshwa mu buryo butabujijwe n'Amasezerano aca itegurwa, ikorwa, ihunikwa n'ikoreshwa ry'intwaro z'uburozi akanagena isenywa ryazo, igihe cyose ubwoko n'ingano by'ibikoreshejwe bihuje intego n'icyari kigamijwe kugerwaho;

b) amasasu n'ibindi bikoresho byakorewe by'umwihariko kwica abantu cyangwa kwangiza bikoresheje ihumanya ritewe n'ibikoresho by'uburozi bisobanurwa mu gace ka a), byakwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ayo masasu n'ibyo bikoresho;

c) igikoresho cyose cyakozwe kugira ngo cyifashishwe mu bijyanye no gukoresha amasasu n'ibindi bikoresho bisobanuwe mu gace ka b);

7º **nuclear weapon:** weapon whose destructive power comes from a nuclear energy;

8º **chemical weapons:** the following elements, together or separately:

a) toxic chemicals and their precursors, except where intended for purposes not prohibited under the Convention on the prohibition of the development, production, stockpiling and use of chemical weapons and on their destruction, as long as the types and quantities are consistent with such purposes;

b) munitions and devices, specifically designed to cause death or other harm through the toxic properties of those toxic chemicals specified in sub-item a), which would be released as a result of the employment of such munitions and devices;

c) any equipment specifically designed for use directly in connection with the employment of munitions and devices specified in sub-item b);

7º **arme nucléaire:** arme dont le pouvoir de destruction vient de l'énergie nucléaire;

8º **armes chimiques:** éléments ci-après, pris ensemble ou séparément:

a) les produits chimiques toxiques et leurs précurseurs, à l'exception de ceux qui sont destinés à des fins non interdites par la Convention sur l'interdiction de la mise au point, de la fabrication, du stockage, de l'emploi des armes chimiques et sur leur destruction, aussi longtemps que les types et les quantités en jeu sont compatibles avec de telles fins;

b) les munitions et dispositifs spécifiquement conçus pour causer la mort ou d'autres dommages par l'action toxique des produits chimiques définis au sous-point a), qui seraient libérés du fait de l'emploi de ces munitions et dispositifs;

c) tout matériel spécifiquement conçu pour être utilisé en liaison directe avec l'emploi des munitions et dispositifs définis au sous-point b);

**9 º umuntu urinzwe ku rwego mpuzamahanga:**

a) Umukuru w'igihugu, harimo umwe mu bagize inteko y'igihugu ukora inshingano z'Umukuru w'igihugu hakurikijwe itegeko nshinga ry'icyo gihugu, Umukuru wa Guverinoma cyangwa umuminisitiri ushinzwe ububanyi n'amahanga, iyo uwo muntu ari mu kindi gihugu, ndetse n'abagize umuryango we baba bamuherekeje;

b) uhagarariye Leta cyangwa umuyobozi muri Leta, umuyobozi wese cyangwa undi mukozi w'umuryango mpuzamahanga uhuriwemo n'ibihugu byinshi, iyo aho yari ari igihe yakorerwaga icyaha haba kuri we ubwe, ku nyubako akoreramo, ku icumbi rye bwite cyangwa uburyo bwo gutwara abantu yifashisha, yari afite uburenganzira, hakurikijwe amategeko mpuzamahanga, bwo kurindwa ikintu cyose cyamwibasira we ubwe, umudendezo n'icyubahiro bye kimwe n'abagize umuryango we babana mu rugo;

**9 º internationally protected person:**

a) a Head of State, including any member of a collegial body performing the functions of a Head of State under the constitution of the State concerned, a Head of Government or a Minister for Foreign Affairs, whenever any such person is in a foreign State, as well as members of his family who accompany him;

b) any representative or official of a State or any official or other agent of an international organization of an intergovernmental character who, at the time when and in the place where a crime against him, his official premises, his private accommodation or his means of transport is committed, is entitled pursuant to international law to special protection from any attack on his person, freedom or dignity, as well as members of his or her family forming part of his or her household;

**9 º personne jouissant d'une protection internationale:**

a) un Chef d'État, y compris tout membre d'un organe collégial remplissant les fonctions d'un chef d'État en vertu de la constitution de l'État concerné, un chef de gouvernement ou un ministre des affaires étrangères, lorsqu'une telle personne est dans un État étranger, ainsi que les membres de sa famille qui l'accompagnent;

b) un représentant ou un fonctionnaire d'un État ou tout agent officiel ou autre d'une organisation internationale de caractère intergouvernemental qui, au moment et à l'endroit où un crime a été commis contre lui, ses locaux officiels, son logement privé ou ses moyens de transport, jouissait, en vertu du droit international, d'une protection spéciale contre toute atteinte à sa personne, à sa liberté ou à sa dignité, de même que les membres de sa famille faisant partie de son ménage ;

10 º **umunyamaguru:** umuntu ugenda n'amaguru cyangwa akoresheje ubundi buryo bwose butari ikinyabiziga gikoresha moteri;

11 º **umutwe w'iterabwoba:** itsinda ry'abantu rikorera kuri gahunda, kandi rifite umugambi wo gukora ibikorwa by'iterabwoba;

12 º **urwandiko rw'inzira:** pasiporo y'umuntu, ikarita iranga umuntu, itike cyangwa urundi rwandiko rwemerera umuntu gukora urugendo ava ahantu hazwi agiye ahandi;

## UMUTWE WA II: IKUMIRA N'IKURIKIRANA RY'IBIKORWA BY'ITERABWOBA

### Icyiciro cya mbere: Igota ry'ahakekwa ibikorwa by'iterabwoba

#### Ingingo ya 3: Igota n'abashinzwe kurikora

Igihe hari ibimenyetso bituma ahantu hakekwa ibikorwa by'iterabwoba cyangwa gushishikariza iterabwoba, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha rushobora kugota ahakekwa ibyo bikorwa.

10 º **pedestrian:** person traveling on foot or using any means other than a motor vehicle;

11 º **terrorist group:** structured group persons acting in concert and with intent to commit terrorist acts;

12 º **travel document:** person's passport, identification card, ticket or other document that permits the person to make a journey from the specified area to another;

## CHAPTER II: PREVENTION AND PROSECUTION OF TERRORIST ACTS

### Section One: Cordoning off an area suspected of terrorist acts

#### Article 3: Cordoning off and those responsible to do so

When there are reasons for suspecting terrorist acts or incitement to commit terrorism, the Rwanda Investigation Bureau may cordon area suspected.

10 º **piéton:** personne se déplaçant à pied ou par tout moyen autre qu'un véhicule à moteur ;

11 º **groupe terroriste:** association structurée de personnes agissant de façon concertée en vue de commettre des actes terroristes;

12 º **document de voyage:** passeport de la personne, la carte d'identité, un billet ou autre document qui permet à la personne de faire un voyage d'un lieu défini à un autre;

## CHAPITRE II: PRÉVENTION ET POURSUITE DES ACTES TERRORISTES

### Section première: Bouclage d'un lieu présumé abriter les actes terroristes

#### Article 3: Bouclage et autorités compétentes

Lorsqu'il existe des raisons de soupçonner des actes terroristes ou incitation au terrorisme, l'Office rwandais d'investigation peut boucler une zone suspectée.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ukurindwa kw'ahagoswe**

Mu rwego rwo kurinda ahagoswe, Urwego rufite ububasha bwo kugota rushobora:

1º gutegeka umuntu guhita ava mu gace kagoswe;

2º gukumira cyangwa kubuza abanyamaguru cyangwa ibinyabiziga bikoresha moteri kwinjira mu gace kagoswe.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Gufata, gusaka no gufunga by'agateganyo**

**<u>Ingingo ya 5</u>: Ufite ububasha bwo gutanga urwandiko rufata cyangwa urusaka**

Urwandiko rutanga uburenganzira bwo gufata cyangwa gusaka ukekwaho ibikorwa by'iterabwoba rushyirwaho umukono n'umushinjacyaha wabiherewe ububasha n'Umushinjacyaha Mukuru.

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Scope of this Law**

**Article 3: Definition of terms**

**CHAPTER II: PREVENTION OF TRAFFICKING IN PERSONS, PROTECTION OF AND ASSISTANCE TO THE VICTIM**

**Section One: Prevention of trafficking in persons**

**Article 4: Policies and strategies for the prevention of trafficking in persons**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

**Article 3: Définition des termes**

**CHAPITRE II: PRÉVENTION DE LA TRAITE DES PERSONNES, PROTECTION ET ASSISTANCE DE LA VICTIME**

**Section première: Prévention de la traite des personnes**

**Article 4: Politiques et stratégies de prévention de la traite des personnes**

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 5: Inshingano yo gutanga amakuru ku cyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 5: Duty to report the offence of trafficking in persons** | **Article 5: Obligation de signaler l'infraction de traite des personnes** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano z'umwikorezi** | **Article 6: Duties of carrier** | **Article 6: Obligations du transporteur** |
| **Icyiciro cya 2: Kurinda uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Section 2: Protection of the victim** | **Section 2: Protection de la victime** |
| **Ingingo ya 7: Ukutavangura uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 7: Non-discrimination against the victim** | **Article 7: Non-discrimination à l'égard de la victime** |
| **Ingingo ya 8: Kurinda uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu n'abantu uwakorewe icyaha ashinzwe bari kumwe na we** | **Article 8: Protection of the victim and the victim's accompanying dependants** | **Article 8: Protection de la victime et des personnes à charge accompagnant la victime** |
| **Ingingo ya 9: Kurinda umwirondoro w'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu mu rukiko** | **Article 9: Protection of the identity of the victim during court proceedings** | **Article 9: Protection de l'identité de la victime pendant l'audience** |
| **Icyiciro cya 3: Gufasha uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Section 3: Assistance to the victim** | **Section 3: Assistance à la victime** |
| **Ingingo ya 10: Imirimo y'ibanze yo gufasha uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 10: Basic assistance services to the victim** | **Article 10: Services de base d'assistance à la victime** |
| **Ingingo ya 11: Kwitabwaho byihariye k'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 11: Special treatment granted to the victim** | **Article 11: Traitement spécial accordé à la victime** |

| | | |
|---|---|---|
| **Article 12: Ubufasha bwihariye ku mwana wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 12: Special assistance to the child victim** | **Article 12: Assistance spéciale à l'enfant victime** |
| **Ingingo ya 13: Kwemerera umunyamahanga wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu kuguma mu Rwanda** | **Article 13: Permission for a non-Rwandan victim to remain in Rwanda** | **Article 13: Permission pour une victime non rwandaise de rester au Rwanda** |
| **Ingingo 14: Gusubiza umunyamahanga wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu mu gihugu cye** | **Article 14: Repatriation of the foreign victim to his/her country** | **Article 14: Rapatriement d'une victime étrangère dans son pays** |
| **Ingingo ya 15: Ukugaruka mu Rwanda k'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 15: Return of the victim to Rwanda** | **Article 15: Retour de la victime au Rwanda** |
| **UMUTWE WA III: IBIHANO KU BYAHA BY'ICURUZWA RY'ABANTU NO GUSHAKIRA INYUNGU MU BANDI** | **CHAPTER III: PENALTIES FOR OFFENCES OF TRAFFICKING IN PERSONS AND EXPLOITATION OF OTHERS** | **CHAPITRE III: PEINES POUR LES INFRACTIONS DE TRAITE DES PERSONNES ET DE L'EXPLOITATION D'AUTRUI** |
| **Ingingo ya 16: Ukwemera k'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa** | **Article 16: Consent of the victim** | **Article 16: Consentement de la victime** |
| **Ingingo ya 17: Ukutaryozwa icyaha k'uwakorewe icuruzwa ry'abantu** | **Article 17: Non-liability of the victim** | **Article 17: Non-responsabilité de la victime** |
| **Ingingo ya 18: Icyaha cy'icuruzwa ry'abantu** | **Article 18: Offence of trafficking in persons** | **Article 18: Infraction de traite des personnes** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 19: Guteza imbere no korohereza undi gukora icuruzwa ry'abantu** | **Article 19: Promoting and facilitating trafficking in persons** | **Article 19: Promotion et facilitation de la traite des personnes** |
| **Ingingo ya 20: Ibihano biremereye iyo hari impamvu nkomezacyaha** | **Article 20: Stiffening of penalties in case of aggravating circumstances** | **Article 20: Alourdissement des peines en cas de circonstances aggravantes** |
| **Ingingo ya 21: Ifatira ry'agateganyo n'ubunyagwe bw'ahantu hakorerwa icuruzwa ry'abantu, ubw'ibikomoka ku cyaha n'ibintu byakoreshejwe mu cyaha** | **Article 21: Seizure and confiscation of places used for trafficking in persons, proceeds of crime and objects used for the commission of the offence** | **Article 21: Saisie et confiscation des lieux utilisés dans la traite des personnes, des produits du crime et des objets utilisés dans sa commission** |
| **Ingingo ya 22: Gukoresha imirimo y'agahato, ubucakara cyangwa indi mirimo ifitanye isano na byo** | **Article 22: Forced labor, slavery or other related services** | **Article 22: Travail forcé, esclavage ou autres services connexes** |
| **Ingingo ya 23: Kugira uruhare mu kubera umubyeyi umwana utabyaye, kumwakira mu muryango cyangwa kumwishingira hagamijwe inyungu** | **Article 23: Participating in the adoption, fostering, or guardianship of a child for the purpose of exploitation** | **Article 23: Participation dans l'adoption, l'accueil en famille ou l'offre de tutelle d'un enfant aux fins d'exploitation** |
| **Ingingo ya 24: Gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi** | **Article 24: Sexual exploitation** | **Article 24: Exploitation sexuelle** |
| **Ingingo ya 25: Ifatira n'ifungwa ry'ahantu hakoreshwa mu gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi** | **Article 25: Seizure and closure of a place intended for sexual exploitation** | **Article 25: Saisie et fermeture d'un lieu affecté à l'exploitation sexuelle** |
| **Ingingo ya 26: Guca urugingo cyangwa igice cy'umubiri w'undi hagamijwe kurucuruza cyangwa izindi nyungu** | **Article 26: Removing another person's organ or body part for sale or other profits** | **Article 26: Prélèvement d'un organe ou d'une partie du corps d'autrui en vue de sa vente ou d'autres intérêts** |

**Ingingo ya 27: Kutubahiriza inshingano y'umwikorezi mu bijyanye no gukumira icuruzwa ry'abantu**

**Ingingo ya 28: Ihanwa ry'amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzima gatozi**

**Ingingo ya 29: Kudatanga amakuru yerekeye icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 30: Ubufatanye n'amahanga mu kubona ibimenyetso**

**Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko**

**Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**Article 27: Carrier's failure to comply with his/her obligations related to the prevention of trafficking in persons**

**Article 28: Penalties for public or private companies, institutions, organizations and associations with legal personality**

**Article 29: Failure to report the offence of trafficking in persons**

**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 30: Cooperation with foreign countries in obtaining evidence**

**Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 32: Repealing provision**

**Article 33: Commencement**

**Article 27: Non-respect par le transporteur de ses obligations liées à la prévention de la traite des personnes**

**Article 28: Peines pour les sociétés, les établissements, les organisations et les associations de droit public ou privé dotés de personnalité juridique**

**Article 29: Omission de signaler l'infraction de traite des personnes**

**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 30: Coopération avec l'étranger pour l'obtention des preuves**

**Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 32: Disposition abrogatoire**

**Article 33: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO Nº 51/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RYEREKEYE GUKUMIRA, KURWANYA NO GUHANA ICURUZWA RY'ABANTU NO GUSHAKIRA INYUNGU MU BANDI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Mutarama 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 12, iya 13, iya 14, iya 18, iya 19, iya 64, iya 69,

**LAW Nº 51/2018 OF 13/08/2018 RELATING TO THE PREVENTION, SUPPRESSION AND PUNISHMENT OF TRAFFICKING IN PERSONS AND EXPLOITATION OF OTHERS**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED, AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW, AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 29 January 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 12, 13, 14, 18, 19, 64, 69, 70, 88, 90, 91**,** 106, 120 and 176;

**LOI Nº 51/2018 DU 13/08/2018 PORTANT PRÉVENTION, ÉLIMINATION ET RÉPRESSION DE LA TRAITE DES PERSONNES ET DE L'EXPLOITATION D'AUTRUI**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés en sa séance du 29 janvier 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 12, 13, 14, 18, 19, 64, 69, 70, 88, 90, 91**,** 106, 120 et 176;

iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga agamije gukuraho icuruzwa ry'abantu no gushora abandi mu busambanyi yemerejwe ahitwa Lake Success, New York, n'Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ku wa 21 Werurwe 1950, nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 162/01 ryo ku wa 31/12/2002;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bw'Umwana yemerejwe i New York ku wa 20 Ugushyingo 1989 nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 773/16 ryo ku wa 19 Nzeri 1990 no ku Masezerano Adahatirwa y'Inyongera ku Masezerano yerekeye Uburenganzira bw'Umwana, ku birebana n'igurishwa ry'abana, kubashora mu busambanyi no kubakoresha mu mikino y'urukozasoni, nk'uko yemejwe n'iteka rya Perezida nº 31/01 ryo ku wa 26 Gashyantare 2002;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango mpuzamahanga w'Umurimo nº 182 yo ku wa 17 Kamena 1999 yerekeye guca byihutirwa kandi burundu imirimo mibi ikoreshwa abana, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°39 bis/01 ryo ku wa 30 Nzeri 1999;

Pursuant to the Convention for the Suppression of the Traffic in Persons and of the Exploitation of the Prostitution of Others, adopted in Lake Success, New York on 21 March 1950, as ratified by the Presidential Order nº 162/01 of 31st December 2002;

Pursuant to the Convention on the Rights of the Child, adopted in New York on 20 November 1989, as ratified by the Presidential Order nº 773/16 of 19 September 1990 and the Optional Protocol to the Convention on the Rights of the Child on the sale of children, child prostitution and child pornography adopted in New York on 25 May 2000, as ratified by the Presidential Order nº 31/01 of 26/2/2006;

Pursuant to the International Labour Organization Convention nº 182 concerning the Prohibition and Immediate Action for the Elimination of the Worst Forms of Child Labour, adopted in Geneva on 17 June 1999, as ratified by the Presidential Order nº 39 bis /01 of 30 September 1999;

Vu la Convention des Nations Unies pour la répression de la traite des êtres humains et de l'exploitation de la prostitution d'autrui, adoptée à Lake Success, New York, par l'Assemblée générale des Nations Unies le 21 mars 1950, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 162/01 du 31/12/2002;

Vu la Convention relative aux droits de l'enfant adoptée à New York le 20 novembre 1989, telle que ratifiée par Arrêté Présidentiel nº 773/16 du 19 septembre 1990 et le Protocole facultatif à la Convention relative aux droits de l'enfant, concernant la vente d'enfants, la prostitution des enfants et la pornographie mettant en scène des enfants, tel que ratifié par Arrêté Présidentiel nº 31/01 du 26 février 2002;

Vu la Convention n° 182 de l'Organisation Internationale du Travail concernant l'interdiction et l'élimination des pires formes de travail des enfants et l'action immédiate en vue de leur élimination, adoptée à Genève le 17 juin 1999 ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 39 bis/01 du 30 septembre 1999;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ubugizi bwa nabi mpuzamahanga buteguye yakorewe i New York ku wa 15 Ugushyingo 2000 akemezwa burundu n'Iteka rya Perezida n° 158/01 ryo ku wa 31Ukuboza 2002, no ku Masezerano y'inyongera yayo agamije gukumira, kurwanya no guhana icuruzwa ry'abantu cyane cyane abagore n'abana yashyiriweho umukono i Palerme mu Butaliyani, ku wa 15 Ukuboza 2000, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 163/01 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije gukumira, kurwanya no guhana icyaha cy'icuruzwa ry'abantu no gushakira inyungu mu bandi. Riteganya kandi ibyerekeye kurengera no gufasha abakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu.

Pursuant to the United Nations Convention against Transnational Organized Crime adopted in New York on 15 November 2000 and ratified by the Presidential Order n° 158/01 of 31/12/2002, and its supplementary Protocol to Prevent, Suppress and Punish Trafficking in Persons, especially Women and Children signed in Palermo, Italy, on 15 December 2000, as ratified by Presidential Order n° 163/01 of 31 December 2002;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

The purpose of this Law is to prevent, suppress and punish the offence of trafficking in persons and exploitation of others. It also provides for the protection of, and assistance to, the victims of trafficking in persons.

Vu la Convention des Nations Unies contre la criminalité transnationale organisée adoptée à New York le 15 novembre 2000 et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 158/01 du 31/12/2002, et son Protocole additionnel visant à prévenir, réprimer et punir la traite des personnes, en particulier des femmes et des enfants, signé à Palerme en Italie, le 15 décembre 2000 et ratifié par Arrêté Présidentiel n° 163/01 du 31 décembre 2002;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi a pour objet de prévenir, éliminer et réprimer l'infraction de traite des personnes et l'exploitation d'autrui. Elle porte également protection et assistance des victimes de la traite des personnes.

**<u>Ingingo ya 2</u>*:* Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba icuruzwa ry'abantu iryo ari ryo ryose kimwe n'ikindi cyaha cyose riteganya, byaba bikozwe mu rwego rw'ubugizi bwa nabi buteguye cyangwa mu bundi buryo, bikorewe umuntu wese mu ifasi ya Repubulika y'u Rwanda gikozwe n'umuntu ufite ubwenegihugu nyarwanda, umuntu udafite ubwenegihugu cyangwa umunyamahanga wabaga mu Rwanda igihe icyaha cyakorwaga.

Iri tegeko rireba kandi icyaha cyose giteganywa n'iri tegeko iyo gikorewe hanze y'ifasi ya Repubulika y'u Rwanda gikozwe n'umuntu ufite ubwenegihugu nyarwanda cyangwa undi muntu wabaga mu Rwanda ku buryo buhoraho igihe icyaha cyakorwaga, cyangwa gikozwe n'umuntu ufite ubwenegihugu ubwo ari bwo bwose cyangwa udafite ubwenegihugu agikoreye Umunyarwanda.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **agahato:** gukoresha imbaraga, gukangisha ikoreshwa ry'imbaraga,

**<u>Article 2</u>: Scope of this Law**

This Law applies to all forms of trafficking in persons and any other offence provided for herein, whether or not connected with organized crime, when the offence is committed on the territory of the Republic of Rwanda by a Rwandan national, a stateless person or a foreign citizen residing in Rwanda at the time of the commission of the offence.

This Law also applies to any offence provided for herein where the offence is committed outside the territory of the Republic of Rwanda by a Rwandan national or any other person who permanently resides in Rwanda at the time of the commission of the offence, and where the offence is committed by any person of any nationality or any stateless person against a Rwandan national.

**<u>Article 3</u>: Definition of terms**

As used in this Law, the following terms have the meanings ascribed to them below:

1º **coercion:** the use of force or threat thereof, and some forms of non-violent

**<u>Article 2</u>: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi s'applique à toutes les formes de traite des personnes ainsi qu'à toute autre infraction qu'elle prévoit, qu'elle soit ou non liée à la criminalité organisée, lorsque l'infraction est commise sur le territoire de la République du Rwanda par un Rwandais, un apatride ou un citoyen étranger résidant au Rwanda au moment de la commission de l'infraction.

La présente loi s'applique également à toute infraction qu'elle prévoit, lorsque cette dernière est commise en dehors du territoire de la République du Rwanda par un Rwandais ou toute autre personne ayant une résidence permanente au Rwanda au moment de la commission de l'infraction, ou par un étranger, quelle que soit sa nationalité, ou un apatride contre un Rwandais.

**<u>Article 3</u>: Définition des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **contrainte:** recours ou menace de recours à la force, et de certaines formes

cyangwa ubundi buryo butarimo imbaraga bushingiye ku mitekerereze harimo:

a) gukangisha umuntu kumugirira nabi cyangwa kumubabaza;

b) amayeri, imigambi cyangwa imigenzereze bigamije gutuma umuntu yiyumvisha ko aramutse adakoze ikintu runaka, we ubwe cyangwa undi muntu, byamuviramo kugirirwa nabi cyangwa kubabazwa;

c) ihohoterwa ryose cyangwa ibikangisho byibasira umuntu hashingiwe ku buryo afatwa mu rwego rw'amategeko;

d) gutotezwa;

2° **gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi:** kubona indonke y'amafaranga cyangwa indi nyungu binyuze mu gukoresha imibonano mpuzabitsina undi muntu cyangwa ibindi bikorwa bishingiye ku gitsina, harimo imikino cyangwa amashusho by'urukozasoni bishingiye ku gitsina;

or psychological use of force or threat thereof, including:

a) threats of harm or physical restraint of any person;

b) any scheme, plan or pattern intended to cause a person to believe that failure to perform an act would result in serious harm to or a physical restraint against any person;

c) abuse or any threat linked to the legal status of a person;

d) psychological pressure;

2º **sexual exploitation:** the obtaining of financial or other benefits through the involvement of another person in prostitution, sexual servitude or other kinds of sexual services, including pornographic acts or the production of pornographic materials;

psychologiques ou non violentes de recours ou de menace de recours à la force y compris :

a) les menaces de préjudice ou de contrainte physique contre une personne;

b) tout stratagème, plan ou manœuvre visant à convaincre une personne que, si elle n'accomplit pas un acte donné, il en découlera un préjudice grave ou une contrainte physique;

c) toute pratique abusive ou toute menace en rapport avec le statut juridique d'une personne;

d) les pressions psychologiques ;

2° **exploitation sexuelle:** obtention d'avantages financiers ou autres au moyen de la réduction d'une personne à la prostitution, à la servitude sexuelle ou à d'autres types de services sexuels, notamment la pornographie ou la production de matériel pornographique;

3° **gukoreshwa bugwate:** imibereho ituruka ku kuba uhawe umwenda yemera gukoreshwa imirimo nk'ingwate y'uwo mwenda cyangwa gutanga uwo afiteho ububasha ngo akoreshwe iyo mirimo iyo :

a) bigaragara ko agaciro k'iyo mirimo katagenewe kwishyura uwo mwenda kandi uwo muntu adategereje igihembo;

b) igihe iyo mirimo izamara kitagenwe n'imiterere yayo itasobanuwe mbere y'igihe;

**4° gushakira inyungu mu wundi:**

a) gukoresha undi imirimo y'agahato**,** ubucakara n'ibindi bikorwa bifitanye isano n'ubucakara, haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

b) gukoresha umuntu mu gusabiriza;

c) kubera umubyeyi umwana utabyaye, kumwakira mu muryango cyangwa kumwishingira hagamijwe kumugira umucakara, kumukoresha mu gusabiriza cyangwa ubundi buryo bwose bwo kumushakiramo inyungu;

3º **debt bondage:** the status or condition arising from a pledge by a debtor of his/her personal services or those of a person under his/or her control as security for a debt, if:

a) the value of those services as reasonably assessed is not applied towards the liquidation of the debt and the person is not expecting a reward;

b) the length and nature of those services are not respectively limited and defined;

**4º exploitation of another:**

a) forced or coerced labour, slavery and or any other practices similar to slavery intended to be performed in Rwanda or abroad;

b) forced or coerced begging;

c) offering adoption, fostering or guardianship of a child for the purposes of slavery, begging or other forms of exploitation;

3° **servitude pour dettes:** état ou condition résultant du fait qu'un débiteur s'est engagé à fournir en garantie d'une dette ses services personnels ou ceux de quelqu'un sur lequel il a autorité, si :

a) la valeur équitable de ces services n'est pas affectée à la liquidation de la dette et cette personne n'attend pas de récompense;

b) la durée de ces services n'est pas limitée ni leur caractère défini;

**4° exploitation d'autrui:**

a) travail ou services forcés, esclavage ou toutes autres pratiques analogues à l'esclavage destinés à être effectués au Rwanda ou à l'étranger;

b) mendicité forcée ou servile;

c) offre d'adoption, d'accueil en famille ou de tutelle d'un enfant aux fins d'esclavage, de mendicité ou autres formes d'exploitation;

d) guha umwana umuntu utaramubyaye ngo amugire umwana we, amwakire mu muryango cyangwa amwishingire hagamijwe inyungu;

e) gukoresha umwana cyangwa kumutanga ngo akoreshwe imirimo inyuranyije n'amategeko;

f) guca ingingo z'umubiri cyangwa ibice by'umubiri w'undi hagamijwe gushakira inyungu mu wundi;

g) ibindi bikorwa byose byo gushakira inyungu mu wundi muntu biteganywa n'amategeko;

5° **Ibikorwa bifitanye isano n'ubucakara:** gukoresha umuntu bugwate mu kwishyura umwenda, kumukoresha nk'umuja cyangwa umugaragu, kumubanisha ku gahato nk'umugabo n'umugore, kumuhatira gutwara inda cyangwa kuyitwarira undi;

6° **icuruzwa ry'abantu:**

a) igikorwa cyose gikozwe n'umuntu hagamijwe gushaka inyungu, uha cyangwa ushakira undi akazi, utwara, wimura, uhisha cyangwa wakira undi muntu; hakoreshejwe ibikangisho, imbaraga cyangwa ubundi buryo bwose

d) offering of a child for adoption, fostering or guardianship for the purposes of gaining profit;

e) use or offering of a child for illicit activities;

f) removal of organs or body parts for the purpose of exploiting another person;

g) other forms of exploitation provided for by law;

5º **practices similar to slavery:** debt bondage, serfdom, forced or servile marriage, forced pregnancy or forced surrogacy;

6º **trafficking in persons**:

a) any act committed by a person who, for the purpose of exploitation, hires or recruits, transports, transfers, harbours, or receives another person; by means of threat or use of force, or other forms of coercion, of

d) don d'un enfant pour adoption, placement en famille d'accueil ou mise sous tutelle pour en tirer profit;

e) utilisation ou offre d'un enfant aux fins des activités illicites ;

f) prélèvement d'organes ou de parties du corps aux fins de l'exploitation d'autrui;

g) autres formes d'exploitation d'autrui prévues par la loi ;

5° **pratiques analogues à l'esclavage:** servitude pour dettes, servage, mariage forcé ou servile, grossesse forcée ou utilisation forcée comme mère porteuse;

6° **traite des personnes:**

a) tout acte commis par une personne qui, à des fins d'exploitation, engage ou recrute, transporte, transfère, héberge ou accueille une autre personne, par la menace de recours ou le recours à la force ou d'autres formes

bw'agahato, ishimuta, uburiganya, ubushukanyi, kumubonerana kubera ububasha umufiteho cyangwa kubera ko ari umunyantege nke, gutanga cyangwa kwakira ubwishyu cyangwa inyungu kugira ngo umuntu ufite ububasha ku wundi muntu yemere;

b) igikorwa cyose gikozwe n'umuntu wese uha akazi, utwara, wimura, ucumbikira cyangwa wakira umwana hagamijwe kumushakiramo inyungu, niyo nta na bumwe mu buryo buvugwa mu gace ka (a) k'iki gika bwakoreshejwe;

**7° icuruzwa ry'abantu ryambukiranya imipaka:** icyaha cy'icuruzwa ry'abantu gikorewe:

a) mu bihugu birenze kimwe;

b) mu gihugu kimwe ariko iyo ibikorwa by'ingenzi byo kugitegura, gucura umugambi wo kugikora, kukiyobora no kukigenzura byakorewe mu kindi gihugu;

c) mu gihugu kimwe ariko kigizwemo uruhare n'itsinda ry'abagizi ba nabi bagaragayeho gukorera ibyaha mu bihugu birenze kimwe;

abduction, of fraud, of deception, of the abuse of power or of a position of vulnerability, or of the giving or receiving of payments or benefits to achieve the consent of a person having control over another person, for the purpose of exploitation;

b) any act of a person who recruits, transports, transfers, harbours or receives a child for the purpose of exploitation, even if this does not involve any of the means set out in item (a) of this Paragraph;

**7º transnational trafficking in persons:** an offence of trafficking in persons committed in:

a) more than one State;

b) one State but a substantial part of its preparation, planning, direction or control takes place in another State;

c) one State but involves an organized criminal group that engages in criminal activities in more than one State;

de contrainte, par enlèvement, fraude, tromperie, abus d'autorité ou d'une situation de vulnérabilité ou par l'offre ou l'acceptation de paiements ou d'avantages pour obtenir le consentement d'une personne ayant autorité sur une autre personne à des fins d'exploitation;

b) tout acte d'une personne qui transporte, transfère, héberge ou reçoit un enfant à des fins d'exploitation même si cet acte ne fait appel à aucun des moyens énoncés au point (a) du présent alinéa;

**7° traite des personnes de nature transnationale:** infraction de traite des personnes commise:

a) dans plus d'un État;

b) dans un État mais qu'une partie substantielle de sa préparation, de sa planification, de sa conduite ou de son contrôle a lieu dans un autre État;

c) dans un État mais implique un groupe criminel organisé qui se livre à des activités criminelles dans plus d'un État;

d) mu gihugu kimwe ariko ingaruka zacyo zikagera mu kindi gihugu;

**8° imyitwarire ifatwa nk'imibonano mpuzabitsina:** ibikorwa by'imibonano mpuzabitsina nyayo cyangwa by'ibyiganano haba hakoreshejwe ibikoresho, byaba guhuza ibitsina ku bantu bahuje ibitsina cyangwa b'ibitsina bitandukanye, byaba bikorewe ku myanya myibarukiro, mu kibuno cyangwa mu kanwa, imibonano mpuzabitsina ikorewe ku matungo, gukinisha undi bishingiye ku gitsina, gushimishwa no kubabaza undi kimwe no gushimishwa no kubabaza umubiri;

**9°indonke:** umutungo uwo ari wo wose ukomoka, ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku ikorwa ry'icyaha;

**10°kubonerana umunyantege nke:** gukoresha umuntu ibyo ushaka kubera ko yumva nta yandi mahitamo ashoboka uretse kuba yakwemera ibyo asabwa;

**11°kwemera:** kwemeranya ku bigiye gukorwa hashingiwe ku ihitamo bwite ry'umuntu, nta terabwoba cyangwa agahato bikozwe n'umuntu ufite ubwisanzure n'ubushobozi bwo guhitamo;

d) one State but has substantial effects in another State;

**8º sexually explicit conduct:** actual or simulated sexual intercourse, including genital-genital, oral-genital, anal-genital, or oral-anal, whether between persons of the same or opposite sex, bestiality, masturbation, sadistic or masochistic abuse;

**9º proceeds of crime:** any property derived from or obtained, directly or indirectly, through the commission of an offence;

**10º abuse of a position of vulnerability:** any situation in which the person involved believes he/she has no real and acceptable alternative but to submit;

**11º consent:** agreement by free choice, without duress or coercion, made by a person with the freedom and capacity to make that choice;

d) dans un État mais a des effets substantiels dans un autre État ;

**8° comportement sexuel explicite:** relation sexuelle réelle ou simulée, y compris génito-génitale, oro-génitale ou oro-anale entre personnes du même sexe ou de sexes opposés, la bestialité, la masturbation, la violence sadique ou masochiste;

**9° produit du crime:** tout bien provenant directement ou indirectement de la commission d'une infraction ou obtenu directement ou indirectement en la commettant;

**10° abus d'une situation de vulnérabilité:** abus de toute situation dans laquelle la personne concernée estime qu'elle n'a d'autre choix réel ni acceptable que de se soumettre;

**11° consentement:** accord par le libre choix, sans contrainte ou coercition, donné par une personne qui a la liberté et la capacité de faire ce choix;

**12°Minisiteri:** Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano zayo;

**13°Minisitiri:** Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze;

**14°ubucakara:** imimerere cyangwa imibereho y'umuntu mu gihe bumwe mu burenganzira bwe cyangwa uburenganzira bwe bwose, bumwe mu bubasha cyangwa ububasha bwose umuntu agira ku mutungo we bwite bifitwe n'undi muntu;

**15°uburetwa:** umurimo ukoreshwa umuntu mu gihe uwo muntu adashobora kugira aho awuhungira cyangwa ngo agire icyo awuhinduraho;

**16°ubushukanyi:** igikorwa cyose kigamije kubeshya umuntu ku byerekeye:

a) imiterere y'umurimo;

b) uko akazi kazakorwa;

c) ubwisanzure afite bwo kuva aho atuye cyangwa akorera;

d) n'ibindi byose bifitanye isano no kumushakamo inyungu;

**12º Ministry:** the Ministry in charge of justice;

**13º Minister:** the Minister in charge of justice;

**14º slavery:** the status or condition of a person over whom all or any of the powers attaching to the right of ownership are exercised by another;

**15º serfdom:** a work where the working individual cannot get rid of such a work or cause a change to it;

**16º deception:** any conduct that is intended to deceive a person on the following:

a) the nature of work;

b) the conditions of work;

c) the extent to which the person is free to leave his/her place of residence or work;

d) other circumstances involving exploitation of the person;

**12° Ministère:** Ministère ayant la justice dans ses attributions;

**13° Ministre:** Ministre ayant la justice dans ses attributions;

**14° esclavage:** état ou condition d'une personne sur laquelle l'autre exerce en tout ou en partie les attributs du droit de propriété ;

**15° servage :** travail dont le travailleur ne peut ni se débarrasser ni y occasionner un changement;

**16° tromperie:** tout comportement visant à tromper une personne sur ce qui suit :

a) la nature du travail;

b) les conditions de travail;

c) la mesure dans laquelle la personne est libre de quitter son lieu de résidence ou de travail;

d) d'autres circonstances en rapport avec l'exploitation de la personne ;

**17°kubanisha abantu nk'umugabo n'umugore ku gahato:** imikorere cyangwa imigirire mu gihe:

a) umuntu ahatiwe kubana n'undi nk'umugabo n'umugore kandi nta bubasha afite bwo kubyanga;

b) uwashyingiranywe n'undi cyangwa umuryango we bamweguriye undi muntu hatanzwe ikiguzi cyangwa ku bundi buryo;

c) umugore cyangwa umugabo ategetswe kubana n'undi muntu nk'umugabo n'umugore iyo uwo bari barashyingiranywe apfuye;

**18°umuntu uwakorewe icyaha ashinzwe kwitaho:** umuntu wese uwakorewe icyaha cy'icuruzwa afiteho inshingano bari kumwe mu gihe icyaha cy'icuruzwa cyakorwaga kimwe n'umwana wavutse muri icyo gihe cyangwa nyuma yaho;

**19°umutwe w'abagizi ba nabi:** itsinda ry'abantu bakorana ku buryo buteguye bagamije gukora icyaha kimwe cyangwa

17º **forced or servile marriage:** any institution or practice in which:

a) a person is forced to live with someone as husband and wife and has no right to refuse it;

b) one spouse or spouse's family has transferred the other spouse to another person for a value received or otherwise;

c) a spouse is forced to live with someone else as husband and wife upon his/her former spouse's death;

18º **victim's accompanying dependent:** any family member whom the victim is legally obligated to provide support, and was present with the victim at the time of the offence, as well as any child born during or after the time of the offence;

19º **organized criminal group:** a structured group acting in concert with the aim of committing one or more

17° **mariage forcé ou servile:** toute pratique en vertu de laquelle:

a) une personne est forcée de vivre avec autrui comme mari et femme et n'a pas le droit de le refuser ;

b) l'un des époux ou la famille de celui-ci cède l'autre époux à un tiers, à titre onéreux ou autrement;

c) l'un des deux époux est forcé de vivre avec autrui comme mari et femme après à la mort de son ex-époux ;

18° **personne à charge accompagnant la victime:** tout membre de famille dont la victime est légalement tenue d'assurer la subsistance et qui était aux côtés de la victime au moment de la commission de l'infraction, ainsi que tout enfant né pendant ou après la commission de l'infraction;

19° **groupe criminel organisé:** groupe structuré agissant de concert dans le but de commettre une ou plusieurs

byinshi mu biteganywa n'iri tegeko, hagamijwe inyungu;

**20°umuyobozi ubifitiye ububasha:** umuntu, itsinda ry'abantu, urwego cyangwa ikigo bafite ububasha bahabwa n'amategeko;

**21°umwana:** umuntu wese ufite munsi y'imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko;

**22°umwikorezi:** umuntu wese, yaba umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi, ukora imirimo yo gutwara ibintu cyangwa abantu ava mu gihugu kimwe ajya mu kindi, agamije inyungu;

**23°uwakorewe icyaha cy'icuruzwa:**

a) umuntu ku giti cye wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu;

b) umuntu ubuyobozi bubifitiye ububasha burimo imiryango itari iya Leta, bubona ko hari impamvu zumvikana zo kwemeza ko yakorewe icyaha cy'icuruzwa, hatitawe ko uwagikoze yatahuwe, yafashwe, yakurikiranywe cyangwa cyamuhamye.

offences referred to in this Law, in order to obtain benefit;

**20º competent authority:** a person, group of people, institution or agency entitled to exercise powers by virtue of law;

**21º child:** any person under eighteen (18) years of age;

**22º commercial carrier:** any legal or natural person who engages in the international transportation of goods or people for commercial gain;

**23º victim:**

a) an individual against whom the offence of trafficking in persons has been committed;

b) an individual whom the competent authorities, including non-governmental organizations reasonably believe is the victim, regardless of whether the perpetrator is identified, apprehended, prosecuted or convicted.

infractions prévues par la présente loi pour en tirer un avantage;

**20° autorité compétente:** personne, groupe de personnes, institution ou établissement auxquels la loi confère des pouvoirs ;

**21° enfant:** toute personne âgée de moins de dix-huit (18) ans;

**22° transporteur commercial:** toute personne morale ou physique qui assure le transport international de biens ou de passagers à des fins lucratives;

**23° victime:**

a) personne physique contre laquelle l'infraction de traite des personnes est commise;

b) personne physique dont les autorités compétentes, y compris les organisations non gouvernementales ont des motifs raisonnables de croire qu'elle est victime, que l'auteur soit ou non identifié, arrêté, poursuivi ou reconnu coupable.

**UMUTWE WA II: GUKUMIRA ICURUZWA RY'ABANTU, KURINDA NO GUFASHA UWAKOREWE ICYAHA CY'ICURUZWA RY'ABANTU**

**Icyiciro cya mbere: Gukumira icuruzwa ry'abantu**

**Ingingo ya 4: Politiki n'ingamba zo gukumira icuruzwa ry'abantu**

Minisiteri ishyiraho politiki n'ingamba mu bijyanye no gukumira icuruzwa ry'abantu.

Icyakora, Minisiteri ifatanya n'inzego za Leta, iz'abikora, sosiyete sivile n'imiryango mpuzamahanga mu gukumira icuruzwa ry'abantu.

**Ingingo ya 5: Inshingano yo gutanga amakuru ku cyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Umuntu wese umenye amakuru ku muntu wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu, ku ikorwa ry'icyo cyaha cyangwa ku mugambi wo kugikora agomba kubimenyesha Urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo cyangwa ubundi buyobozi bubifitiye ububasha kugira ngo bikurikiranwe.

**CHAPTER II: PREVENTION OF TRAFFICKING IN PERSONS, PROTECTION OF AND ASSISTANCE TO THE VICTIM**

**Section One: Prevention of trafficking in persons**

**Article 4: Policies and strategies for the prevention of trafficking in persons**

The Ministry puts in place policies and strategies for the prevention of trafficking in persons.

However, the Ministry cooperates with public and private institutions, civil society and international organizations for the prevention of trafficking in persons.

**Article 5: Duty to report the offence of trafficking in persons**

Any person who obtains information about the victim, the commission of or the intention to commit the offence of trafficking in persons must report it to the organ in charge of criminal investigation or any other competent authority for appropriate action.

**CHAPITRE II: PRÉVENTION DE LA TRAITE DES PERSONNES, PROTECTION ET ASSISTANCE DE LA VICTIME**

**Section première: Prévention de la traite des personnes**

**Article 4: Politiques et stratégies de prévention de la traite des personnes**

Le Ministère met en place des politiques et des stratégies de prévention de la traite des personnes.

Toutefois, le Ministère collabore avec les institutions publiques et privées, la société civile et les organisations internationales pour la prévention de la traite des personnes.

**Article 5: Obligation de signaler l'infraction de traite des personnes**

Toute personne qui obtient des informations sur la victime, sur la commission ou l'intention de la commission de l'infraction de traite des personnes, doit en informer l'organe ayant les enquêtes judiciaires dans ses attributions ou toute autre autorité compétente pour prendre des mesures appropriées.

**Ingingo ya 6: Inshingano z'umwikorezi**

Umuntu wese ukora imirimo y'ubwikorezi mu rwego rw'ubucuruzi afite inshingano zikurikira:

1 º kugenzura ko buri mugenzi afite ibyangombwa bimuranga cyangwa ibyangombwa by'inzira bimwemerera kwinjira mu gihugu agiyemo cyangwa mu kindi gihugu cyose anyuramo;

2 º kumenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha ko hari umuntu washatse gukora urugendo cyangwa warukoze, yifashishije serivisi y'uwo mwikorezi, adafite ibyangombwa bimuranga cyangwa ibyangombwa by'inzira bimwemerera kwinjira mu gihugu yerekejemo cyangwa igihugu cyose anyuramo.

**Article 6: Duties of carrier**

Any commercial carrier has the following duties:

1º to verify that each passenger possesses the identity or travel documents required to enter the destination country or any transit country;

2º to report to the competent authority that a person has attempted to or has travelled on that carrier without the identity or travel documents required to enter the destination country or any transit country.

**Article 6: Obligations du transporteur**

Tout transporteur commercial a les obligations suivantes :

1 º vérifier que chaque passager est en possession des documents d'identité ou de voyage requis pour l'entrée dans le pays de destination ou dans tout pays de transit;

2 º signaler aux autorités compétentes qu'une personne a tenté de voyager ou a voyagé grâce à ses services sans les documents d'identité ou de voyage requis pour l'entrée dans le pays de destination ou dans tout pays de transit.

**Icyiciro cya 2: Kurinda uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

**Ingingo ya 7: Ukutavangura uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Kurengera, gufasha no gushyigikira uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu bikorwa nta vangura iryo ari ryo ryose.

**Ingingo ya 8: Kurinda uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu n'abantu uwakorewe icyaha ashinzwe bari kumwe na we**

Minisiteri ishyiraho ingamba zose zigomba gufatwa kugira ngo uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu kimwe n'abantu uwakorewe icyaha ashinzwe bari kumwe na we barengerwe ku buryo bukwiye mu gihe umutekano wabo ushobora guhungabanywa.

**Ingingo ya 9: Kurinda umwirondoro w'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu mu rukiko**

Mu iburanisha, umucamanza abisabwe n'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu cyangwa igihe abona ari ngombwa mu nyungu z'ubutabera, ashobora gutegeka ko:

**Section 2: Protection of the victim**

**Article 7: Non-discrimination against the victim**

The protection of and assistance and support to the victim are carried out without any discrimination.

**Article 8: Protection of the victim and the victim's accompanying dependants**

The Ministry takes all appropriate measures to ensure that the victim and the victim's accompanying dependents, have access to adequate protection if their safety is at risk.

**Article 9: Protection of the identity of the victim during court proceedings**

During the court proceedings, a judge may order upon the request of the victim, or where he/she deems it necessary in the interest of justice, that:

**Section 2: Protection de la victime**

**Article 7: Non-discrimination à l'égard de la victime**

La protection, l'assistance et le soutien en faveur de la victime sont assurés sans aucune discrimination.

**Article 8: Protection de la victime et des personnes à charge accompagnant la victime**

Le Ministère prend toutes les mesures appropriées pour que la victime ainsi que les personnes à charge accompagnant la victime reçoivent une protection suffisante au cas où leur sécurité serait menacée.

**Article 9: Protection de l'identité de la victime pendant l'audience**

Pendant l'audience, un juge peut, sur demande de la victime ou lorsqu'il l'estime nécessaire dans l'intérêt de la justice, ordonner que:

1º iburanisha ribera mu muhezo;

2º inyandikomvugo z'iburanisha zishyirwaho igifungisho cy'urukiko;

3º ubuhamya bw'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu bwakirwa hakoreshejwe uburyo bw'iyakure mu isakazamashusho cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga mu itumanaho bukwiriye;

4º uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu akoresha amazina y'amahimbano;

5º ubuhamya uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu yatanze imbere y'iburanisha mu bikorwa nteguraurubanza bwemerwa nk'ikimenyetso.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Gufasha uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

**<u>Ingingo ya 10</u>: Imirimo y'ibanze yo gufasha uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Minisiteri ikorana n'izindi nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivile n'imiryango mpuzamahanga kugira ngo imirimo y'ibanze

1º the court proceedings be conducted in camera;

2º records of the court proceedings be sealed;

3º evidence of the victim be heard through a video link or the use of other adequate communications technology;

4º the victim use a pseudonym;

5º the statement of the victim made during the pre-trial phase be admitted as evidence.

**<u>Section 3</u>: Assistance to the victim**

**<u>Article 10</u>: Basic assistance services to the victim**

The Ministry cooperates with other public institutions, private institutions, civil society and international organizations to ensure that

1° l'audience se déroule à huis-clos;

2° les procès-verbaux d'audience soient scellés;

3° la déposition de la victime soit entendue par liaison vidéo ou à l'aide d'autres techniques de communication adéquates;

4° la victime utilise un pseudonyme;

5° la déposition que la victime a faite au cours de la phase précédant le procès soit admise comme élément de preuve.

**<u>Section 3</u>: Assistance à la victime**

**<u>Article 10:</u> Services de base d'assistance à la victime**

Le Ministère coopère avec d'autres institutions étatiques, les institutions privées, la société civile et les organisations

yo gufasha uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu ikorwe, hatitawe ku buryo yinjiye mu gihugu cyangwa ku bushobozi n'ubushake uwakorewe icyaha afite bwo kugira uruhare mu iperereza n'ikurikiranwa ry'ukekwaho icyaha cyo kumucuruza.

Ubufasha buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo buhabwa kandi uwakorewe icyaha ugaruwe mu Gihugu.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Kwitabwaho byihariye k'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu yitabwaho by'umwihariko ku buryo bukurikira:

1º ahabwa amakuru ku byerekeye uburyo bwose bwo kumurengera, kumugoboka no kumushyigikira afitiye uburenganzira kimwe n'inkunga n'ubufasha bishobora gutangwa n'imiryango itari iya Leta cyangwa iyita k'uwakorewe icyo cyaha, kandi akamenyeshwa aho ikurikirana ry'ikibazo cye mu rwego rw'amategeko rigeze, byose bigakorwa mu rurimi yumva neza;

basic assistance services are provided to the victim, without regard to the immigration status of the victim, or the ability or willingness of the victim to participate in the investigation or prosecution of his/her alleged trafficker.

The assistance services referred to in Paragraph One of this Article are also provided to a victim who is repatriated from another State.

**<u>Article 11</u>: Special treatment granted to the victim**

The victim benefits from the following special treatment:

1º he/she is provided, in a language he/she understands, with information on the nature of protection, assistance, and support to which he/she is entitled and the possibilities of assistance and support by non-governmental organizations or victim assistance agencies, as well as updated information on any ongoing legal proceedings related to him/her;

internationales, pour assurer la fourniture des services de base d'assistance aux victimes, indépendamment du statut d'immigration de la victime, ou de la capacité ou la volonté de la victime à participer à l'enquête ou aux poursuites visant l'auteur présumé de la traite.

Les services d'assistance visés à l'alinéa premier du présent article sont également offerts à la victime rapatriée en provenance d'un autre pays.

**<u>Article 11</u>: Traitement spécial accordé à la victime**

La victime bénéficie du traitement spécial suivant:

1 º elle reçoit, dans une langue qu'elle comprend, des informations sur la nature de la protection, de l'assistance et de l'appui auxquels elle a droit et les possibilités d'assistance et d'appui offertes par des organisations non gouvernementales et d'autres organismes d'aide aux victimes, ainsi que des informations actualisées sur les procédures judiciaires la concernant ;

2º afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu ikurikiranwa ry'uwamukoreye icuruzwa no kunganirwa kugira ngo ashobore kugaragaza ibitekerezo n'ibibazo bye, kugira ngo byitabweho mu gihe gikwiye cy'ikurikiranwa ry'icyaha;

3º ahabwa ubufasha mu by'amategeko mu gihe cyose cy'ikurikiranacyaha;

4º asonerwa kwishyura amagarama ayo ari yo yose ateganywa n'amategeko agenga imanza z'imbonezamubano iyo atanga ikirego cy'indishyi z'akababaro gaturuka ku cyaha cy'icuruzwa yakorewe;

5º yitabwaho mu bijyanye n'imibereho myiza, ubuzima n'umutekano.

Iteka rya Minisitiri riteganya ubundi buryo bwihariye bwo kwita ku wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu na serivisi ahabwa.

2º he/she has the right to participate in the proceedings against the perpetrator of trafficking in persons, and is assisted to present his/her views and concerns for consideration at appropriate stages of the proceedings relating to the offence;

3º he/she is provided with the legal assistance throughout the entire proceedings;

4º he/she is exempted from payment of any filing fees required under civil procedure laws when bringing a civil suit in compensation for damages caused by the crime of trafficking in persons committed against him/her;

5º he/she receives social services, health care and security.

An Order of the Minister provides for other particular means for support to the victim and services made available to him/her.

2 º elle a le droit de participer à la procédure contre l'auteur de la traite des personnes et bénéficie d'une assistance lui permettant de présenter ses avis et préoccupations afin qu'ils soient pris en compte aux étapes appropriées de la procédure relative à l'infraction;

3 º elle bénéficie d'une assistance juridique tout au long des poursuites judiciaires;

4 º elle est dispensée du paiement de tout frais de justice requis par les lois de procédure civile lorsqu'elle intente une action civile en compensation des dommages causés par le crime de traite des personnes commis à son encontre;

5 º elle bénéficie des services sociaux, des soins de santé et de la sécurité.

Un Arrêté du Ministre prévoit d'autres moyens particuliers de prise en charge de la victime et des services mis à sa disposition.

**<u>Article 12:</u> Ubufasha bwihariye ku mwana wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Uretse ubundi buryo bwo kurengera buteganywa muri iri tegeko, umwana wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu yitabwaho bidasanzwe ku buryo bukurikira:

1º iyo imyaka y'uwakorewe icyaha ishidikanywaho kandi hari impamvu zatuma umuntu avuga ko uwakorewe icyaha ashobora kuba ari umwana, afatwa kandi akitabwaho nk'umwana mu gihe hategerejwe ko hakorwa isuzumwa ry'imyaka ye;

2º gufasha umwana wakorewe icyaha cy'icuruzwa bikorwa n'abakozi b'umwuga babihuguwemo ku buryo bwihariye, kandi hitawe ku bintu byihariye abana bakenera;

3º mu gihe uwakorewe icyaha ari umwana udafite uwo bari kumwe, agenerwa umwishingizi, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko;

4º urwego rufite inshingano zo kurengera umwana rukora ku buryo hamenyekana umwirondoro cyangwa ubwenegihugu by'umwana kandi rugakora ibikenewe

**<u>Article 12</u>: Special assistance to the child victim**

In addition to any other protection provided for under this Law, the child victim is accorded special treatment as follows:

1° where the age of the victim is uncertain and there are reasons to believe that the victim may be a child, the victim is presumed to be a child and is treated as such, pending verification of his/her age;

2° assistance to the child victim is provided by specially trained professionals and in accordance with the children's special needs;

3° if the victim is an unaccompanied child, he/she is provided with a legal guardian, in accordance with the provision of Law;

4° the organ in charge of child protection ensures that the child's identity or nationality is established, and makes every effort to locate his/her family if it

**<u>Article 12:</u> Assistance spéciale à l'enfant victime**

Outre toute autre protection prévue par la présente loi, l'enfant victime bénéficie du traitement spécial suivant:

1° en cas d'incertitude sur l'âge de la victime et lorsqu'il existe des raisons de croire que la victime est un enfant, elle est présumée être un enfant et est traitée comme tel dans l'attente de la vérification de son âge;

2° l'assistance à l'enfant victime est fournie par les professionnels spécialement formés, en tenant compte des besoins spécifiques des enfants;

3° lorsque la victime est un enfant non accompagné, il doit être pourvu d'un tuteur, conformément aux dispositions de la loi;

4° l'organe chargé de la protection de l'enfant veille à ce que l'identité ou la nationalité de l'enfant soit établie, et met tout en œuvre pour retrouver sa

byose kugira ngo hamenyekane aho umuryango we uherereye iyo ari byo biri mu nyungu z'umwana.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Kwemerera umunyamahanga wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu kuguma mu Rwanda**

Uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu ntashobora kuvanwa mu Rwanda igihe cyose urwego rubifitiye ububasha rutararangiza igikorwa cyo kugaragaza umwirondoro we.

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu yemerewe kuguma mu Rwanda mu gihe cy'amezi atandatu (6) nibura, n'igihe cyose ikurikiranacyaha ritarasozwa.

**<u>Ingingo 14</u>: Gusubiza umunyamahanga wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu mu gihugu cye**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, Minisiteri, ifatanyije n'ubuyobozi bushinzwe abinjira n'abasohoka ishobora gusubiza uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu mu gihugu akomokamo.

is in the best interest of the child to do so.

**<u>Article 13</u>: Permission for a non-Rwandan victim to remain in Rwanda**

The victim is not removed from the territory of Rwanda until the identification process has been completed by the competent authority.

Without prejudice to the provisions of other laws, the victim is permitted to remain in Rwanda for a minimum of six (6) months, and until the legal proceedings are concluded.

**<u>Article 14</u>: Repatriation of a foreign victim to his/her country**

Without prejudice to other legal provisions, the Ministry, in collaboration with the authority in charge of immigration and emigration, may repatriate the victim to his/her country of origin.

famille, lorsque cela est dans l'intérêt supérieur de l'enfant.

**<u>Article 13:</u> Permission pour une victime non rwandaise de rester au Rwanda**

La victime n'est pas éloignée du territoire du Rwanda tant que l'autorité compétente n'a pas achevé le processus d'identification.

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, la victime est autorisée à rester au Rwanda pour une période de six (6) mois au minimum, et jusqu'à la fin des procédures judiciaires la concernant.

**<u>Article 14</u>: Rapatriement d'une victime étrangère dans son pays**

Sans préjudice des autres dispositions légales, le Ministère, en collaboration avec la direction chargée de l'immigration et de l'émigration, peut rapatrier la victime dans son pays d'origine.

**Ingingo ya 15: Ukugaruka mu Rwanda k'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Iyo uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu ari Umunyarwanda cyangwa uwari ufite uburenganzira bwo gutura mu Rwanda ku buryo buhoraho igihe yacuruzwaga, ubuyobozi bubifitiye ububasha bworohereza kandi bukemerera uwakorewe icyaha cy'icuruzwa kugaruka mu Gihugu, bigakorwa vuba uko bishoboka kandi hitabwa uko bikwiye ku burenganzira n'umutekano bye, no ku iyubahirizwa ry'ubuzima bwite bwe, agaciro ke n'ubuzima bwe.

Iyo uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ari Umunyarwanda udafite urwandiko rw'inzira mu gihe yambuka imipaka, ubuyobozi bubifitiye ububasha mu Rwanda butanga inzandiko z'inzira za ngombwa zituma uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ashobora kugarurwa mu Gihugu.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rutanga ibikoreshwa mu kwishyura ingendo n'ibindi bikenerwa mu gufasha uwakorewe icyaha cy'icuruzwa kugaruka mu Gihugu n'uburyo bitangwa.

**Article 15: Return of the victim to Rwanda**

Where the victim is a Rwandan or had the right of permanent residence in Rwanda at the time he/she was trafficked, the competent authority facilitates and accepts the return to the country of the victim without unreasonable delay and with due regard for his/her rights and safety, privacy, dignity and health.

Where the victim is a Rwandan national across the borders who does not have proper travel documents, the competent authority in Rwanda issues the necessary travel documents to enable the victim to be repatriated.

A Prime Minister's Order determines an organ responsible for providing necessary means to cover the cost of transportation and repatriation to Rwanda of the victim and modalities for their allocation.

**Article 15: Retour de la victime au Rwanda**

Lorsque la victime est un Rwandais ou avait le droit de résider au Rwanda à titre permanent au moment où elle a été victime, l'autorité compétente facilite et accepte le retour au pays de la victime, sans retard injustifié et en tenant dûment compte de ses droits et de sa sécurité, du respect de sa vie privée, de sa dignité et de sa santé.

Si la victime est un Rwandais qui, lors du passage aux frontières, n'a pas de documents de voyage voulus, l'autorité compétente au Rwanda délivre les documents de voyage nécessaires permettant à la victime d'être rapatriée.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe chargé de fournir les moyens nécessaires pour couvrir les coûts de transport et de rapatriement au Rwanda de la victime et les modalités de leur allocation.

**UMUTWE WA III: IBIHANO KU BYAHA BY'ICURUZWA RY'ABANTU NO GUSHAKIRA INYUNGU MU BANDI**

**Ingingo ya 16: Ukwemera k'uwakorewe icyaha cy'icuruzwa**

Kuba uwakorewe icyaha cy'icuruzwa yaremeraga ibyo yakorewe nta gaciro bigira mu myiregurire y'ukurikiranyweho icyaha cy'icuruzwa ry'abantu.

**Ingingo ya 17: Ukutaryozwa icyaha k'uwakorewe icuruzwa ry'abantu**

Uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ntashobora gufungwa by'agateganyo, gushinjwa cyangwa gukurikiranwa kubera kwinjira cyangwa kuba mu Rwanda mu buryo bunyuranyije n'amategeko, cyangwa kubera kugira uruhare mu gikorwa icyo ari cyo cyose kinyuranyije n'amategeko, iyo gukora icyo gikorwa yabitewe ku buryo butaziguye no kuba yaracurujwe.

**Ingingo ya 18: Icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora icyaha cy'icuruzwa ry'abantu ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10)

**CHAPTER III: PENALTIES FOR OFFENCES OF TRAFFICKING IN PERSONS AND EXPLOITATION OF OTHERS**

**Article 16: Consent of the victim**

The consent of the victim is not relevant to the defense of the person prosecuted for trafficking in persons.

**Article 17: Non-liability of the victim**

The victim shall not be detained, charged, or prosecuted for his/her illegal entry into or residence in Rwanda, or for his/her involvement in any unlawful activity that was a direct consequence of his/her situation as a trafficked person.

**Article 18: Offence of trafficking in persons**

Any person convicted of trafficking in persons is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen

**CHAPITRE III: PEINES POUR LES INFRACTIONS DE TRAITE DES PERSONNES ET DE L'EXPLOITATION D'AUTRUI**

**Article 16: Consentement de la victime**

Le consentement de la victime n'est pas pertinent dans la défense d'une personne poursuivie pour traite des personnes.

**Article 17: Non-responsabilité de la victime**

La victime ne peut pas être détenue, inculpée ou poursuivie au motif qu'elle est entrée ou réside de manière illégale au Rwanda, ou pour avoir pris part à une quelconque activité illicite lorsqu'elle y est réduite par sa condition de victime.

**Article 18: Infraction de traite des personnes**

Toute personne reconnue coupable de la traite des personnes est passible de l'emprisonnement d'au moins dix (10) ans

ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 Frw ) ariko atarenze miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw).

Iyo icyaha gikozwe ku buryo cyambukiranya imipaka, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni makumyabiri (20.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni makumyabiri n'eshanu (25.000.000 Frw).

**<u>Ingingo ya 19</u>: Guteza imbere no korohereza undi gukora icuruzwa ry'abantu**

Umuntu ukora kimwe mu bikorwa bikurikira aba akoze icyaha cyo guteza imbere no korohereza undi gukora icuruzwa ry'abantu:

1 º gukodesha abizi inyubako ye cyangwa iy'undi akodesha cyangwa iyo ashinzwe gucunga agamije guteza imbere icuruzwa ry'abantu;

2 º gukoresha cyangwa kureka inyubako ye cyangwa ahandi hantu aba cyangwa ashinzwe, hakoreshwa

(15) years and a fine of not less than ten million (10,000,000) and not more than fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

If the offence is transnational in nature, the penalty is imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years and a fine of not less than twenty million ( 20,000,000) and not more than twenty five million (25,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 19</u>: Promoting and facilitating trafficking in persons**

A person who commits any of the following acts commits an offence of promoting and facilitating trafficking in persons:

1º knowingly lease his/her own building, sublease a building or lease a building under his/her management for the purpose of promoting trafficking in persons;

2º use or allow the use of his/her own building or his/her residence or other premises under his/her responsibility

mais n'excédant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins dix millions (10.000.000) mais n'excédant pas quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

Lorsque l'infraction est de nature transnationale, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans et à une amende d'au moins vingt millions (20.000.000) mais n'excédant pas vingt-cinq millions (25.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 19</u>: Promotion et facilitation de la traite des personnes**

Une personne qui commet l'un des actes suivants commet l'infraction de promouvoir et de faciliter la traite des personnes:

1 º sciemment louer son propre bâtiment, sous-louer un bâtiment ou mettre en location un bâtiment placé sous sa gestion aux fins de la promotion de la traite des personnes;

2 º utiliser ou permettre l'utilisation de son propre bâtiment ou de sa résidence ou d'autres locaux sous sa

hagamijwe guteza imbere icuruzwa ry'abantu;

3 º kwamamaza, gutangaza, gukwirakwiza akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, kohereza cyangwa gutumiza mu mahanga ikintu cyose kigamije guteza imbere icuruzwa ry'abantu;

4 º guhindura cyangwa guhimba inyandiko hagamijwe gukora cyangwa koroshya icuruzwa ry'abantu;

5 º gucunga, kuyobora cyangwa gutera inkunga ikigo gishinzwe gushaka abakozi hagamijwe guteza imbere icuruzwa ry'abantu;

6 º kwambura, guhisha cyangwa kwangiza ibyangombwa by'inzira cyangwa izindi nyandiko bwite by'umuntu agamije kumucuruza;

7 º korohereza cyangwa gufasha umuntu ufite ibyangombwa by'inzira bitatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha, byangijwe cyangwa by'ibihimbano, kwinjira cyangwa

for the purpose of promoting trafficking in persons;

3º advertise, publish, distribute by any means, export or import any material that is aimed at promoting the trafficking in persons;

4º tamper with or falsify a document for the purpose of committing or facilitating trafficking in persons;

5º manage, run or finance any job recruitment agency for the purpose of promoting trafficking in persons;

6º confiscate, conceal or destroy traveling documents or other personal documents of a person for the purpose of trafficking him/her;

7º facilitate or assist, in the exit from or entry into Rwanda, a person who is in possession of traveling documents unissued by the relevant organ, tampered or fraudulent, for the purpose of trafficking him/her;

responsabilité aux fins de la promotion de la traite des personnes;

3 º promouvoir, publier, distribuer par tout moyen, exporter ou importer tout élément visant la promotion de la traite des personnes;

4 º altérer ou falsifier un document dans le but de commettre ou de faciliter la traite des personnes;

5 º gérer, diriger ou financer une agence de recrutement dans le but de promouvoir la traite des personnes;

6 º confisquer, dissimuler ou détruire les documents de voyage ou les documents personnels d'une personne aux fins de la subjuguer à la traite des personnes;

7 º faciliter ou aider une personne en possession de documents de voyage non émis par l'organe compétent, falsifiés ou frauduleux à sortir du Rwanda ou à entrer au Rwanda, aux fins de la subjuguer à la traite des

gusohoka mu Rwanda hagamijwe kumucuruza;

8 º **g**ukoresha ubundi buryo bwose agamije guteza imbere icuruzwa ry'abantu;

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni zirindwi (7.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 Frw).

**<u>Ingingo ya 20</u>: Ibihano biremereye iyo hari impamvu nkomezacyaha**

Uwakoze ibyaha bivugwa mu ngingo ya 18 n'iya 19 z'iri tegeko ahanishwa igifungo cya burundu iyo hari impamvu nkomezacyaha zikurikira:

1º iyo icyaha cyaviriyemo uwagikorewe gukomereka bikabije, ubumuga, indwara idakira, urupfu cyangwa kwiyahura;

2º iyo icyaha cyakorewe ku muntu uri mu cyiciro cy'abantu bakwibasirwa ku

8º promote by any other means trafficking in persons.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than seven million (7,000,000) and not more than ten million (10,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 20</u>: Stiffening of penalties in case of aggravating circumstances**

Any person who commits the offences referred to in Articles 18 and 19 of this Law is liable to life imprisonment if any of the following aggravating circumstances are present:

1º where the offence involves serious injury, disability, incurable disease, death or suicide of the victim;

2º where the offence is committed against a person who is particularly vulnerable,

personnes;

8 º promouvoir par tout autre moyen la traite des personnes.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible de l'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins sept millions (7.000.000) mais n'excédant pas dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 20</u>: Alourdissement des peines en cas de circonstances aggravantes**

Toute personne qui commet les infractions visées aux articles 18 et 19 de la présente loi est passible d'un emprisonnement à perpétuité lorsque ces infractions sont accompagnées de l'une quelconque des circonstances aggravantes suivantes:

1 º lorsque l'infraction entraîne une blessure grave, un handicap, une maladie incurable, la mort ou le suicide de la victime ;

2 º lorsque l'infraction est commise à l'encontre d'une personne

buryo bworoshye, harimo umugore utwite, umuntu ufite ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe;

3º iyo icyaha cyakorewe abantu benshi icyarimwe;

4º iyo icyaha gikozwe n'umuntu wabigize umwuga cyangwa mu rwego rw'ishyirahamwe ry'abagizi ba nabi babigize umwuga;

5º iyo uwakoze icyaha yifashishije ibiyobyabwenge, imiti cyangwa intwaro mu kugikora;

6º iyo uwakoze icyaha yigeze gukatirwa kuri icyo cyaha cyangwa ku bindi byaha bifitanye isano na cyo;

7º iyo uwakoze icyaha yagikoreye uwo bashyingiranywe cyangwa uwo babanaga nk'umugabo n'umugore batashyingiranywe;

8º iyo uwakoze icyaha yari umuyobozi cyangwa umuntu ufite ububasha ku wo yagikoreye;

including a pregnant woman and a physically or mentally handicapped person;

3º where the offence involves more than one victim;

4º where the offence was committed by a person engaging in it as a profession or within the framework of the activity of an organized criminal association;

5º where drugs, medications or weapons were used in the commission of the crime;

6º where the offender has been previously convicted for the same or similar offences;

7º where the offender is a spouse or the conjugal partner of the victim;

8º where the offender is the leader of the victim or a person who exercises authority over the victim;

particulièrement vulnérable notamment une femme enceinte et une personne souffrant d'une déficience physique ou mentale;

3 º lorsque l'infraction est commise à l'encontre de plusieurs victimes;

4 º lorsque l'infraction est commise par une personne qui s'y engage en tant que profession ou dans le cadre des activités d'un groupe criminel organisé;

5 º lorsque des drogues, des médicaments ou des armes sont utilisés pour la commission de l'infraction;

6 º lorsque l'auteur de l'infraction a précédemment été condamné pour une infraction identique ou analogue;

7 º lorsque l'auteur de l'infraction est le conjoint ou le concubin de la victime;

8 º lorsque l'auteur de l'infraction est le supérieur de la victime ou une personne qui exerce son autorité sur

9º iyo uwakoze icyaha ari umuntu wari ushinzwe kwita ku wo yagikoreye cyangwa wari ufitiwe icyizere n'uwo yagikoreye.

Iyo ibyaha bivugwa muri iyi ngingo n'ibivugwa mu ngingo ya 22 bikorewe ku mwana, igihano kiba igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20,000,000 Frw).

**<u>Ingingo ya 21</u>: Ifatira ry'agateganyo n'ubunyagwe bw'ahantu hakorerwa icuruzwa ry'abantu, ubw'ibikomoka ku cyaha n'ibintu byakoreshejwe mu cyaha**

Urukiko rutegeka ifatira n'ubunyagwe bw'imitungo itimukanwa, indonke zikomoka ku cyaha n'ibintu byifashishijwe mu gukora icyaha cy'icuruzwa ry'abantu.

Bitabangamiye ibindi bihano bishobora gutangwa, uwakoze icyaha ategekwa kwishyura amafaranga angana n'agaciro k'indonke, imitungo itimukanwa cyangwa ibikoresho bifitanye isano n'icyaha mu gihe iyo ndonke, imitungo itimukanwa cyangwa

9º where the offender is in a position of responsibility or trust in relation to the victim.

Where the offences referred to under this Article and Article 22 are committed against a child, the penalty is life imprisonment and a fine of not less than fifteen million (15,000,000) and not more than twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 21</u>: Seizure and confiscation of places used for trafficking in persons, proceeds of crime and objects used for the commission of the offence**

The court orders the seizure and confiscation of immovable property, proceeds of the crime and objects used for the commission of the offence of trafficking in persons.

Without prejudice to other penalties that may be imposed, the offender is ordered to pay the amount equal to the value of the proceeds, immovable property or objects associated with the offence if the proceeds, immovable property or objects associated with the offence:

la victime;

9 º lorsque l'auteur de l'infraction est en position de responsabilité ou de confiance par rapport à la victime.

Lorsque les infractions visées au présent article et à l'article 22 sont commises contre un enfant, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité et à une amende d'au moins quinze millions (15.000.000) mais n'excédant pas vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 21</u>: Saisie et confiscation des lieux utilisés dans la traite des personnes, des produits du crime et des objets utilisés dans sa commission**

La juridiction ordonne la saisie et la confiscation des biens immobiliers, des produits du crime et des objets utilisés dans la commission de la traite des personnes.

Sans préjudice d'autres peines qui peuvent être infligées, l'auteur de l'infraction est condamné à payer une somme d'argent correspondant à la valeur des produits du crime, des biens immeubles ou des objets en relation avec l'infraction si les produits du

ibikoresho bifitanye isano n'icyaha:

1º byangiritse, byagabanutse mu gaciro cyangwa nta kamaro bigifite, biturutse mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, ku gikorwa cy'uwakoze icyaha cyangwa ku kuba hari icyo atakoze;

2º byahishwe, byakuweho, byahinduwemo ibindi cyangwa byimuwe kugira ngo bitagerwaho cyangwa bidafatirwa.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Gukoresha imirimo y'agahato, ubucakara cyangwa indi mirimo ifitanye isano na byo**

Umuntu wese ukoresha undi imirimo y'agahato, ubucakara cyangwa indi mirimo ifitanye isano nabyo mu buryo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 Frw).

Iyo gukoresha imirimo y'agahato bikorewe uwakorewe icyaha cy'icuruzwa, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko

1° are destroyed, diminished in value or otherwise rendered worthless by any direct or indirect act or omission of the offender;

2° have been concealed, removed, converted or transferred to prevent the same from being found or to avoid their being confiscated.

**<u>Article 22</u>: Forced labor, slavery or other related services**

Any person who makes use of forced labor, slavery or any other related services commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years and a fine of not less than one million (1,000,000) and not more than three million (3,000,000) Rwandan francs.

When the use of forced labor is committed against the victim, the penalty is imprisonment for a term of not less than five

crime, les biens immeubles ou les objets en relation avec l'infraction:

1 º ont été détruits, diminués de la valeur ou autrement rendus inutilisables par tout acte ou omission dont l'auteur est directement ou indirectement responsable;

2 º ont été dissimulés, enlevés, convertis ou transférés en vue d'empêcher qu'ils ne soient trouvés ou pour en éviter la confiscation.

**<u>Article 22</u>: Travail forcé, esclavage ou autres services connexes**

Toute personne qui recourt au travail forcé, à l'esclavage ou à tous autres services connexes commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins un million (1.000.000) mais n'excédant pas trois millions (3.000.000) de francs rwandais.

Lorsque le recours au travail forcé est commis contre la victime, la peine est un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans

kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 Frw).

Iyo icyaha gikorewe umwana, undi muntu wese udafite ubushobozi bwo kwirwanaho nk'umugore utwite cyangwa umuntu ufite ubumuga, ugikoze ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw).

**<u>Ingingo ya 23</u>: Kugira uruhare mu kubera umubyeyi umwana utabyaye, kumwakira mu muryango cyangwa kumwishingira hagamijwe inyungu**

Umuntu wese, agamije inyungu, ubera umubyeyi umwana atabyaye, umwakira mu muryango, umwishingira cyangwa umutanze aba akoze icyaha.

Iyo ahamijwe n'urukiko kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahanishwa igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 Frw) ariko

(5) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than five million (5,000,000) and not more than ten million (10,000,000) Rwandan francs.

Where the offence is committed against a child or any other vulnerable person such as a pregnant woman or a person with disability, the offender is imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than ten million (10,000,000) and not more than fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 23</u>: Participating in the adoption, fostering, or guardianship of a child for the purpose of exploitation**

Any person who, for the purpose of exploitation, adopts a child, fosters him/her, acts as his/her guardian or offers him/her to another person, commits an offence

Any person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to life imprisonment and a fine of not less than ten million (10,000,000) and not more than fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

mais n'excédant pas dix (10) ans et une amende d'au moins cinq millions (5.000.000) mais n'excédant pas dix millions (10.000.000) de francs rwandais.

Lorsque l'infraction est commise contre un enfant ou toute autre personne vulnérable telle qu'une femme enceinte ou une personne handicapée, l'auteur est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins dix millions (10.000.000) mais n'excédant pas quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 23</u>: Participation dans l'adoption, l'accueil en famille ou l'offre de tutelle d'un enfant aux fins d'exploitation**

Toute personne qui, aux fins d'exploitation, adopte un enfant, l'accueille en famille, assure sa tutelle ou l'offre à autrui commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible de l'emprisonnement à perpétuité et d'une amende d'au moins dix millions (10.000.000) mais n'excédant pas quinze millions (15.000.000) de francs

atarenze miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw).

**Ingingo ya 24: Gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi**

Umuntu, agamije inyungu, ukora kimwe mu bikorwa bikurikira aba akoze icyaha cyo gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi:

1º gushishikariza, koshya, kuyobya, kureshya, guhatira undi gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa gukoresha ubundi buryo hagamijwe kuyimushoramo;

2º gutanga ikiguzi agamije ubwe gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa kugitangira undi muntu ngo ayikore;

3º gucumbikira umuntu abizi neza ko aje gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina;

4º gutangaza, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ko afasha ushaka gukora imibonano mpuzabitsina;

5º gufasha, guhagarikira cyangwa kurengera abizi ushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina;

**Article 24: Sexual exploitation**

An person who, for the purpose of exploitation, commits any of the following acts commits the offence of sexual exploitation:

1º encourage, incite, mislead, manipulate or force a person to have sexual relations, or use any other means for the purpose of luring him/her into sexual relations;

2º pay for sexual intercourse on his/her own behalf or on behalf of another person;

3º knowingly host another person for the purpose of sexual exploitation;

4º announce, by whatever means, that he/she facilitates sexual relations;

5º knowingly help, assist or protect a person engaged in sexual exploitation;

rwandais.

**Article 24: Exploitation sexuelle**

Toute personne qui, aux fins d'exploitation, commet l'un quelconque des actes suivants, commet l'infraction d'exploitation sexuelle:

1 º encourager, inciter, induire en erreur, manipuler ou forcer autrui en vue de faire des relations sexuelles ou user de tout autre moyen pour l'entraîner dans les relations sexuelles ;

2 º payer pour lui-même ou pour autrui afin de faire des relations sexuelles;

3 º héberger sciemment une autre personne aux fins de l'exploitation sexuelle ;

4 º annoncer, par quelque moyen que ce soit, qu'elle facilite les relations sexuelles;

5 º aider, assister ou protéger sciemment une personne impliquée dans l'exploitation sexuelle;

6º kuyobora amazu akorerwamo ibikorwa byo gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi, gushora imari muri bene ayo mazu cyangwa gucunga umutungo azi neza ko ukomoka kuri ayo mazu;

7º gutanga abizi ahantu ngo hakodeshwe kugira ngo hakorerwe ibikorwa byo gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi;

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 Frw).

Igihano cy'igifungo kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo cyikuba kabiri ku muntu ushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi iyo:

1° icyaha gikozwe ku bantu benshi;

2° icyaha cyakozwe n'abantu benshi bafatanyije;

6º run houses of sexual exploitation, invest in such houses or knowingly manage property derived from such houses;

7º knowingly provide any place for rent for the purpose of sexual exploitation;

Any person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than three million (3,000,000) and not more than five million (5,000,000) Rwandan francs.

The penalty provided for under Paragraph 2 of this Article is doubled for any person who commits a sexual exploitation offence, if:

1º the offence is committed against several persons;

2º the offence is committed by many co-offenders;

6 º diriger des maisons d'exploitation sexuelle, investir dans de telles maisons ou gérer sciemment les biens qui en proviennent;

7 º sciemment fournir un endroit quelconque à louer aux fins de l'exploitation sexuelle;

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions (3.000.000) mais n'excédant pas cinq millions (5.000.000) de francs rwandais.

La peine prévue à l'alinéa 2 du présent article est portée au double pour toute personne qui commet une infraction en rapport avec l'exploitation sexuelle si:

1 º l'infraction est commise sur plusieurs personnes;

2 º l'infraction est commise par plusieurs personnes œuvrant de concert;

3° uwakoze icyaha yifashishije intwaro;

4° icyaha gikozwe n'uwo uwagikorewe akomokaho cyangwa undi wese bafitanye isano;

5° icyaha cyakozwe n'umukozi wo mu rugo rw'uwo yagikoreyeho;

6° icyaha gikozwe n'umuntu uyobora uwagikorewe, ukora imirimo rusange igenewe abaturage, umwarimu, umurezi cyangwa ushinzwe imiryango ishingiye ku myemerere.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorewe umwana, igihano kiba igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw).

**<u>Ingingo ya 25</u>: Ifatira n'ifungwa ry'ahantu hakoreshwa mu gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi**

Inyubako n'ahandi hantu hose hakorerwa ibikorwa bigamijwe gushakira inyungu mu

3º the offender has used a weapon;

4º the offence is committed by an ascendant of the victim or any other relative;

5º the offence is committed by a domestic servant of the victim;

6º the offence is committed by a person having authority over the victim, a public servant, a teacher, an educator or a religious leader.

Where the acts referred to under Paragraph One of this Article are committed against a child, the offender is liable to life imprisonment and a fine of not less than ten million (10,000,000) and not more than fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 25</u>: Seizure and closure of a place intended for sexual exploitation**

The building and any other place used for sexual exploitation may be closed or seized by

3 º l'auteur de l'infraction a utilisé une arme;

4 º l'infraction est commise par un ascendant de la victime ou toute autre personne ayant avec la victime un lien de parenté;

5 º l'infraction est commise par un employé domestique du ménage de la victime;

6 º l'infraction est commise par une personne qui a autorité sur la victime, un fonctionnaire public, un enseignant, un éducateur ou un ministre du culte.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis contre un enfant, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité et à une amende d'au moins dix millions (10.000.000) mais n'excédant pas quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 25</u>: Saisie et fermeture d'un lieu affecté à l'exploitation sexuelle**

Le bâtiment et tout autre lieu utilisés à des fins d'exploitation sexuelle peuvent être fermés ou

mibonano mpuzabitsina ikorewe ku wundi, bishobora gufungwa cyangwa gufatirwa n'urwego rubifitiye ububasha hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 26: Guca urugingo cyangwa igice cy'umubiri w'undi hagamijwe kurucuruza cyangwa izindi nyungu**

Umuntu wese uca, ugurisha, ubika, uhisha, utwara, wakira cyangwa ukoresha urugingo cyangwa igice cy'umubiri w'undi, cyangwa uhatira undi gucibwa urugingo cyangwa igice cy'umubiri agamije kurucuruza cyangwa izindi nyungu zitemewe n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo cya burundu**.**

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe ku rwego ndengamipaka, ahanishwa igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni makumyabiri n'eshanu (25.000.000 Frw).

Iyo icyo cyaha gikorewe umwana, uwagikoze ahanishwa igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni makumyabiri n'eshanu (25.000.000 Frw)

a competent authority in accordance with relevant laws.

**Article 26: Removing another person's organ or body part for sale or other profits**

Any person who removes, sells, keeps, hides, transports, receives or uses an organ or a part of the body of another person or forces another person to have his/her organ or body part removed in order to sell it or for other illegal interests, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to a term of life imprisonment.

If the offence referred to under Paragraph One of this Article is committed at the transnational level, he/she is liable to a term of life imprisonment and a fine of more than twenty million (20,000,000) and not more than twenty-five million (25,000,000) Rwandan francs.

If the offence is committed against a child, the offender is liable to a term of life imprisonment and a fine of more than twenty-five million (25,000,000) and not more than thirty million (30,000,000) Rwandan francs.

saisis par l'autorité compétente conformément à la législation en la matière.

**Article 26: Prélèvement d'un organe ou d'une partie du corps d'autrui en vue de sa vente ou d'autres intérêts**

Toute personne qui prélève, vend, garde, cache, transporte, reçoit ou utilise un organe quelconque du corps d'autrui ou le contraint à se soumettre au prélèvement d'un organe ou d'une partie du corps en vue de sa vente ou d'autres intérêts illégaux, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue, elle est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité.

Lorsque l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise au niveau transnational, elle est passible de l'emprisonnement à perpétuité et d'une amende de plus de vingt millions (20.000.000) mais n'excédant pas vingt-cinq millions (25.000.000) de francs rwandais.

Lorsque l'infraction est commise contre un enfant, l'auteur de l'infraction est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité et d'une amende de plus de vingt-cinq millions

ariko atarenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 Frw).

Umuntu wese ucuruza urugingo cyangwa igice cy'umubiri w'umuntu yishe agamije gucuruza ingingo cyangwa ibice by'umubiri w'umuntu, cyangwa ucuruza urugingo rw'umuntu muzima igihe gukura urwo rugingo ku muntu bishobora kumuviramo urupfu, ahanishwa igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni makumyabiri n'eshanu (25.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 Frw) .

**Ingingo ya 27: Kutubahiriza inshingano y'umwikorezi mu bijyanye no gukumira icuruzwa ry'abantu**

Umwikorezi wese utagenzura ko buri mugenzi afite ibyangombwa bimuranga cyangwa ibyangombwa by'inzira bimwemerera kwinjira mu gihugu agiyemo n'icyo anyuramo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi (10.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw).

Umwikorezi wese utamenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha ko hari umugenzi

Any person who sells an organ or a body part of a person he/she has killed for the purpose of trafficking of organs or human body parts, or who sells an organ of a living person, if the removal of such organ may result in that person's death, is liable to a term of life imprisonment and a fine of more than twenty five million (25,000,000) and not more than thirty million (30,000,000) Rwandan francs.

**Article 27: Carrier's failure to comply with his/her obligations related to the prevention of trafficking in persons**

Any carrier that fails to verify that every passenger possesses the identity or travel documents required to enter the destination country and any transit country, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to a fine of not less than ten million (10,000,000) and not more than fifteen million (15,000,000) Rwandan francs.

Any carrier that fails to report to the competent authorities that a passenger has attempted to

(25.000.000) mais n'excédant pas trente millions (30.000.000) de francs rwandais.

Toute personne qui vend un organe ou une partie du corps d'une personne qu'elle a tuée à des fins de trafic des organes ou des parties du corps humain, ou qui vend un organe d'une personne vivante si le prélèvement de cet organe peut entraîner la mort de la victime, est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité et d'une amende de plus de vingt-cinq millions (25.000.000) mais n'excédant pas trente millions (30.000.000) de francs rwandais.

**Article 27: Non-respect par le transporteur de ses obligations liées à la prévention de la traite des personnes**

Tout transporteur qui omet de vérifier que chaque passager est en possession des documents d'identité ou de voyage requis pour l'entrée dans le pays de destination et dans tout pays de transit commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'au moins dix millions (10.000.000) mais n'excédant pas quinze millions (15.000.000) de francs rwandais.

Tout transporteur qui omet de signaler aux autorités compétentes qu'un passager a tenté

wagerageje gukoresha cyangwa wakoresheje serivisi z'ubwikorezi atanga, adafite ibyangombwa bimuranga cyangwa ibyangombwa by'inzira bimwemerera kwinjira mu gihugu agiyemo cyangwa icyo anyuramo, kandi yamenye ko uwo muntu agiye gucuruzwa cyangwa atabyitayeho, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 Frw).

**<u>Ingingo ya 28</u>: Ihanwa ry'amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzima gatozi**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, amasosiyete, ibigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga bifite ubuzimagatozi bihamijwe n'urukiko icyaha cy'icuruzwa ry'abantu cyangwa icyo gushakira inyungu mu bandi bihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda itari munsi ya miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw) ariko itarengeje miliyoni ijana (100.000.000 Frw).

travel or has travelled on that carrier without the identity or travel documents required to enter the destination country or any transit country, with knowledge or in disregard of the fact that the person was the victim, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to a fine of not less than fifteen million (15,000,000) and not more than twenty million (20,000,000) Rwandan francs.

**<u>Article 28</u>: Penalties for public or private companies, institutions, organizations and associations with legal personality**

Without prejudice to the provisions of any other law, public or private companies, institutions, organizations and associations with legal personality which are convicted of the offence of trafficking in persons or exploitation of others, is liable to a fine of not less than fifty million (50,000,000) and not more than one hundred million (100,000,000) Rwandan francs.

de voyager ou a voyagé grâce à ses services sans les documents d'identité ou de voyage requis pour l'entrée dans le pays de destination ou dans tout pays de transit, alors qu'il a connaissance ou n'a pas tenu compte du fait que cette personne était la victime, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'une amende d'au moins quinze millions (15.000.000) mais n'excédant pas vingt millions (20.000.000) de francs rwandais.

**<u>Article 28</u>: Peines pour les sociétés, les établissements, les organisations et les associations de droit public ou privé dotés de personnalité juridique**

Sans préjudice des dispositions d'autres lois, les sociétés, les établissements, les organisations et les associations de droit public ou privé dotés de personnalité juridique qui sont reconnus coupables de la traite des personnes ou de l'exploitation d'autrui sont passibles d'une amende d'au moins cinquante millions (50.000.000) mais n'excédant pas cent millions (100.000.000) de francs rwandais.

**Ingingo ya 29: Kudatanga amakuru yerekeye icyaha cy'icuruzwa ry'abantu**

Umuntu wese umenye amakuru ku muntu wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu, ku ikorwa ry'icyo cyaha cyangwa ku mugambi wo kugikora ntabimenyeshe ubugenzacyaha cyangwa ubundi buyobozi bubifitiye ububasha, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

**Article 29: Failure to report the offence of trafficking in persons**

Any person who obtains information about the victim, the commission of the offence of trafficking in persons, or the intention to commit the offence of trafficking in persons and fails to report it to the investigation bureau or another competent authority, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years.

**Article 29: Omission de signaler l'infraction de traite des personnes**

Toute personne qui obtient des informations sur la victime, la commission de l'infraction de traite des personnes ou l'intention de la commettre et omet de le signaler à l'office d'investigation ou à toute autre autorité compétente commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans.

## UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

## CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

## CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

**Ingingo ya 30: Ubufatanye n'amahanga mu kubona ibimenyetso**

Iyo mu gukurikirana ibyaha biteganywa n'iri tegeko hakenewe ibimenyetso bishobora kuboneka mu mahanga, inzego z'umutekano n'izishinzwe gukurikirana ibyaha zisaba ubufatanye inzego bihuje inshingano mu bihugu by'amahanga hakurikijwe amategeko abigenga.

**Article 30: Cooperation with foreign countries in obtaining evidence**

If the prosecution of crimes provided for under this Law requires evidence that may be obtained from abroad, the security organs and the prosecution cooperate with their counterparts in foreign countries in accordance with relevant laws.

**Article 30: Coopération avec l'étranger pour l'obtention des preuves**

Si la poursuite des infractions énoncées dans la présente loi exige des preuves qui peuvent être obtenues à partir de l'étranger, les organes de sécurité et de poursuite judiciaire sollicitent le concours de leurs homologues dans les pays étrangers conformément aux lois en la matière.

**Ingingo ya 31: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 32: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 33: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 31: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 32: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 33: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 31: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 32: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 33: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali,ku wa 13/08/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali,on 13/08/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali,le 13/08/2018

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux